



15 GICURASI 2010

# UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

## IGAZETI YO KWIGWA

IBICE BYO KWIGWA BYO MU CYUMWERU CYA:

### **28 Kamena—4 Nyakanga**

Bagabo, ese mugandukira ubutware bwa Kristo?

IPAJI YA 8 INDIRIMBO ZIZAKORESHWA: 5, 123

### **5-11 Nyakanga**

Kuki abagore bagomba kugandukira ubutware?

IPAJI YA 12 INDIRIMBO ZIZAKORESHWA: 86, 120

### **12-18 Nyakanga**

Bavandimwe, mubibire umwuka kandi mwifuze inshingano

IPAJI YA 24 INDIRIMBO ZIZAKORESHWA: 45, 11

### **19-25 Nyakanga**

Ntimugatere agahinda umwuka wera wa Yehova

IPAJI YA 28 INDIRIMBO ZIZAKORESHWA: 71, 26



INTEGO Y'IYI GAZETI y'*Umunara w'Umuninzi*, ni iyo guhimbaza Yehova Imana, we Mutegetsi w'Ikirenga w'ijuru n'isi. Kimwe n'uko iminara y'abarinzi yo mu gihe cya kera yatumaga abantu babona ibintu byaberaga kure, ni ko n'iyi gazeti itwerekaga icyo ibibera ku isi bisobanura binyuriye ku buhanuzi bwo muri Bibiliya. Ihumuriza abantu ibagezaho ubutumwa bwiza buvuga ko vuba aha Ubwami bw'Imana, ari bwo butegetsi nyakuri bwo mu ijuru, buzavanaho ububi bwose kandi bukazahindura isi paradizo. Itera abantu inkunga yo kwizera Yesu Kristo wadupfiriye kugira ngo tuzabone ubuzima bw'iteka. Muri iki gihe Yesu Kristo aratega, akaba ari Umwami w'Ubwami bw'Imana. Iyi gazeti yandikwa n'Abahamya ba Yehova kuva mu mwaka wa 1879, kandi ntiyivanga muri politiki. Ishingiyeye kuri Bibiliya kandi igendera ku buyobozi bwayo.

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika buri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya mu isi yose, kandi ushyigikiye n'impano zitangwa ku bushake. Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yo mu Byanditswe bya Giheburayo yose ikoresheya muri iyi gazeti, iva muri *Bibiliya Yera 2001*. Iyo mu Byanditswe bya Kigiriki iva muri Bibiliya y'*Ubuhinduzi bw'Isi Nshya bw'ibyanditswe bya Kigiriki bya Gikristo*. Iyo imirongo y'ibyanditswe ikurikiye n'inyuguti NW, iba ivuye muri Bibiliya yo mu rurimi rw'icyongereza gihuje n'igihe tugezemo yitwaga *New World Translation of the Holy Scriptures—With References*.

## INTEGO Y'IBICE BYO KWIGWA



**IGICE CYO KWIGWA**  
**CYA 1 N'ICYA 2** IPAJI YA 8-17 ▲

Igice cya mbere cyo kwigwa kigaragaza ukuntu ari iby'ingenzi ko abagabo bagandukira ubutware bwa Kristo, kandi bakigana uburyo yabanaga n'abandi. Igice cya kabiri gisobanura ukuntu Abakristokazi bagombye kubona amagambo avuga ko "umutware w'umugore ari umugabo."

**IGICE CYO KWIGWA**  
**CYA 3 N'ICYA 4** IPAJI YA 24-32

Abantu benshi muri iki gihe ntibacyitangira abandi. Igice cya gatatu cyagenewe by'umwihariko gufasha abagabo babatijwe gusuzuma uko babona ibirebana no kwigomwa, ndetse no kwemera inshingano zo kuba abakozi b'itorero cyangwa abasaza. Igice cya kane gisobanura uko dushobora kwirinda gutera agahinda umwuka w'Imana.

## IBINDI:

3 **Abakristo bo mu kinyejana cya mbere n'imana z'Abaroma**

6 **Kuki tugomba kubaha abageze mu za bukuru? ▶**



17 **Komeza kuba umuntu ukomeye mu buryo bw'umwuka mu gihe wita ku wo mufitanye isano urwaye ▶**



20 **Harani yakorerwagamo ibintu byinshi**

21 **Ibibazo by'abasomyi**

22 **Komeza gutoya ubushobozi bwawe bwo kwiyumvisha ibintu**

# ABAKRISTO BO MU KINYEJANA CYA MBERE N'IMANA Z'ABAROMA

**M**U RWANDIKO Pline le Jeune wari guverineri w'intara ya Bituniya yandikiye Umwami w'abami wa Roma Trajan, yagize ati "dore uko byagendaga iyo banzaniraga abantu baregaga ko ari Abakristo: nababazaga niba koko ari Abakristo, babyemera, nka-babaza ubwa kabiri n'ubwa gatatu mbakangisha ko ndi bubahane. Iyo bakomezaga kuvuga ko ari Abakristo, nategekaga ko babica." Ku bihereranye n'abihakanaga ko ari Abakristo maze bagatuka Kristo, kandi bakemera gusenga igishushanyo cy'umwami w'abami ndetse n'ibigirwamana Pline yabaga yazanye mu rukiko, yaranditse ati "nategekaga ko babarekura."

Abakristo bo mu kinyejana cya mbere baratotezwaga, bitewe n'uko bangaga gusenga umwami w'abami n'ibishushanyo by'imana zinyuranye. Bite se ku yandi madini yari mu ntara zategekwa na Roma? Ni izihe mana zasengwaga, kandi se Abaroma bazifataga bate? Kuki Abakristo batotezwaga bazira kwanga gutambira izo mana z'i Roma? Ibisubizo by'ibyo bibazo, bizadufasha guhangana n'ibibazo duhura na byo muri iki gihe, bifitanye isano no kubera Yehova indahemuka.

## Amadini yo mu bwami bwa Roma

Uko abantu bari batuye mu ntara zategekwa na Roma bavugaga indimi nyinshi kandi bafite imico itandukanye, ni na ko bari bafite imana nyinshi basengaga. Nubwo Abaroma batari bazi neza idini rya kiyahudi, barifataga nk'aho ari idini ryemewe (*religio licita*), kandi bakaririnda. Incuro ebyiri ku munsu, mu rusengeru rw'i Yerusalemu hatambwaga abana b'intama babiri n'ikimasa, bigatambirwa Kayisari n'igihugu cya Roma. Niba ibyo bitambo byaranezeze imana imwe cyangwa nyinshi, nta cyo byari bibwiye Abaroma. icyabashishikazaga gusa, ni icyo gikorwa, kuko cyagaragazaga ko Abayahudi bari indahemuka ku bwami bw'Abaroma.


Mu bwami bwa Roma hari higanje amadini ya gipagani. Imigenzo y'Abagiriki yemerwaga n'abantu benshi, kandi ubupfumu bwari bwogeye. Habaga ibyo bitaga amadini y'amayobera yo mu Burasirazuba yasezeranyaga abayoboke bayo ukudapfa, kubonekerwa no gushyikirana n'imana zabo bakora imihango y'amayobera. Ayo madini yari yarakwiriye mu bwami bw'Abaroma. Mu kinyejana bya mbere, gusenga imana yo muri Egiputa yitwaga Sérapis n'imanakazi Isis, gusenga imanakazi imeze nk'ifi yo muri Siriya yitwaga Atargatis, no gusenga imana y'izuba yo mu Buperezi yitwaga Mithra, byari byarakwiriye hose.

Igitabo cyo muri Bibiliya cy'Ibyakozwe cyerekana neza ko hariho amadini ya gipagani mu gihe cy'Abakristo bo mu

*Abakristo bo mu kinyejana cya mbere ntibasengaga umwami w'abami cyangwa ibishushanyo*



*Umwami w'abami Domitian*



*Zewu*

kinyejana cya mbere. Urugero, icyo gitabo kivuga iby'umutwawe w'Umuroma w'intara ya Shigure wari kumwe n'umupfumu w'Umuyahudi (Ibyak 13:6, 7). Abantu b'i Lusitira bitiriye Pawulo imana y'Abagiriki yitwaga Herume, na Barinaba bamwita Zewu (Ibyak 14:11-13). Igihe Pawulo yari i Filipi yahuye n'umuja waraguraga (Ibyak 16:16-18). Nanone iyo ntumwa yabonye ko abaturage bo muri Atene 'basaga n'aho barushaga abandi bose gutinya imana.' Ikindi kandi, muri uwo mugu yahabonye igicaniro 'cy'Imana Itazwi' (Ibyak 17:22, 23). Abantu bo muri Efeso base-ngaga imanakazi yitwaga Arutemi (Ibyak 19:1, 23, 24, 34). Abaturage bo ku kirwa cya Malita bise Pawulo imana kubera ko bari babonye ubumara bw'inzoka nta cyo bwari bwamutwaye (Ibyak 28:3-6). Muri iyo mime-rere rero, Abakristo bagombaga kuba maso kugira ngo birinde ibintu byashoboraga kwanduza ugusenga kwabo k'ukuri.



Abakristo bo muri Efeso ntibasengaga imanakazi yitwaga Arutemi.—Ibyakozwe 19:23-41

### Imana zasengwaga n'Abaroma

Uko Ubwami bwa Roma bwagendaga bwaguka, Abaroma bemeraga gusenga izindi mana basangaga aho babaga bafashe; bazemeraga batekereza ko ari izo babaga basanzwe bazi ariko zigaragaje mu bundi buryo. Abaroma ntibarwanyaga ugusenga kw'izindi mana z'amahanga, ahubwo na bo barazisengaga. Ku bw'ibyo rero, baje kugira imana nyinshi nk'uko bari bafite imico myinshi. Nanone bari bemerewe gusenga imana iyo ari yo yose. Umuntu yashoboraga gusenga imana zitandukanye.

Mu mana Abaroma bari basanzwe basenga, iyari iy'ingenzi ni yitwaga Jupiter, nanone ikaba yaritwaga imana nkuru kandi nziza. Abantu bakundaga kuvuga ko yigaragarizaga mu muyaga, mu mvura, mu murabyo no mu nkuba. Nanone kandi, abantu bashyiraga isano hagati y'u-

kwezi n'imanakazi Junon, mushiki wa Jupiter ikaba n'umugore wayo, kandi bakavuga ko yagenzuraga ibintu byose bigize imibereho y'abagore. Umukobwa wa Jupiter witwaga Minerve, yari imanakazi y'ubukorikori, akazi, imyuga n'intambara.

Abaroma basengaga imana zitagira umubare. Lares na Pénates zari imana z'umuryango. Vesta yari imanakazi y'umuriro. Janus yari imana ifite mu maso habiri kandi yari imana y'intangiriro zose. Buri murimo wose wari ufite imana iwuhagarariye. Abaroma bageraga n'ubwo bagira imana zihagarariye ibintu bidafatika. Pax yari imana y'amahoro; Salus yari imana y'ubuzima bwiza; Pudicitia yari iy'imyifatire myiza n'ubumanzi hamwe n'ubusugi; Fides yari iy'ukwizera-na; Virtus yari iy'ubutwari, naho Voluptas ikaba

iy'ibyishimo. Buri kintu cyose cyakorwaga mu bwami bwa Roma, haba mu ruhame cyangwa gikorewe ahatagaragara, abantu batekerezagako cyatewe n'imana runaka. Ku bw'ibyo, kugira ngo abantu bizere ko ibyo babaga bagiye gukora biri bugende neza, bakoraga imihango yo kugusha neza imana yabaga ibishinzwe, bakayitura ibitambo kandi bakayikorera iminsi mikuru.

Uburyo bumwe bwakoreshwaga bagenzura niba imana zari gutanga imigisha, bwari ukuraguzwa. Uburyo buzwi cyane bwakundaga gukoreshwa, ni ukugenzura inyama zo mu nda z'amatungo babaga batambye. Batekerezagako uko izo nyama zo mu nda zabaga zisa, byagaragazagana niba imana zari kwemera ikintu bagiye gukora cyangwa ko zitari kucyemera.

Kuva mu mpera z'ikinyejana cya kabiri Mbere ya Yesu, Abaroma bagereranyaga imana zabo z'ingenzi n'iz'Abagiriki. Urugero nka Jupiter bakabona ko ari Zewu, Junon bakabona ko ari Héra, bityo bityo. Nanone kandi, Abaroma bemeraga imigani ifitanye isano n'imana z'Abagiriki. Iyo migani ntiyashimagizaga izo mana, kuko zagiraga amakosa n'ubushobozi bugira aho bugarukira nk'uko bimeze ku bantu. Urugero, bavugaga ko Zewu yafataga abantu bakuru ndetse n'abana ku ngufu, ko yagiranaga imibonano mpuzabitsina n'abantu bazima, hamwe n'ibintu byabonwaga ko bidapfa. Akenshi abantu bishimiraga cyane ibikorwa biteye isoni by'izo mana iyo babaga bari mu mazu y'amakinamico. Ibyo byatumaga abayoboze bazo na bo birekura bagakora ibyo bikorwa bibi.

Birashoboka ko abantu bake gusa bize ari bo bafataga iyo migani uko iri. Hari bamwe bumvaga ko ari inkuru z'impimbano zifite icyo zishushanya. Ibyo bishobora kumvikanisha impamvu Ponsiyo Pilato yabajije ikibazo kizwi cyane kigira kiti "ukuri ni iki?" (Yoh 18:38). Ibyo byumvikanisha ko "abantu benshi bize babonaga ko kumenya ukuri nyako bidashoboka."

### **Gusenga umwami w'abami**

Ku ngoma y'Umwami Awugusito ni bwo ibyo gusenga umwami w'abami byatangiyeye (yategetse kuva mu mwaka wa 27 Mbere ya Yesu kugeza mu mwaka wa 14). By'umwihariko mu ntara zavugaga Ikgiriki zo mu Burasirazuba, abantu

benshi bumvaga bagomba gushimira babikuye ku mutima Awugusito wari waratumye babona amahoro n'uburumbuke nyuma y'igihe kirekire cy'intambara. Abantu bifuzaga kugira umutegetsi wari gukomeza kubarinda. Ikindi kandi, bifuzaga ubuyobozi bwari guhosha amakimbirane yaterwaga n'amadini, bugateza imbere ibyo gukunda igihugu, kandi bukunga abatuye isi binyuze ku 'mukiza' wayo. Ibyo byatumye umwami w'abami amera nk'imana.

Nubwo igihe Awugusito yari akiriho atemeraga ko bamwita imana, yahaniraga ko Ubwami bwa Roma bwafatwa nk'imanakazi igomba gusengwa (Roma Dea). Awugusito yatangiye gufatwa nk'imana amaze gupfa. Uko ni ko ibitekerezo by'amadini no gukunda igihugu by'agakabyo byari mu baturage bo mu ntara zimwe za Roma, byerekejwe ku gusenga Roma n'abami babaga bariho. Uko gusenga umwami w'abami kwari kwadutse ntikwatinze gukwirira

## **Abakristo b'ukuri basenga Yehova wenyine**

mu ntara zose, maze guhinduka uburyo bwo kugaragariza leta icyubahiro n'ubudahemuka.

Umwami w'abami Domitien wategetse kuva mu mwaka wa 81 kugeza mu wa 96, ni we mwami wa mbere wa Roma wategetse ko bamusenga nk'imana. Mu gihe cy'ubwami bwe, Abaroma bari baratandukanyije Abakristo n'Abayahudi, kandi bakarwanya icyo babonaga ko ari idini ry'inza. Birashoboka ko mu gihe cy'ubutegetsi bwa Domitien ari bwo intumwa Yohana yaciriwe ku kirwa cya Patimosi, azira "guhama ibya Yesu."—Ibyah 1:9.

Igitabo cy'Ibyahishuwe cyanditswe igihe Yohana yari afunzwe. Muri icyo gitabo, yavuze iby'Umukristo witwaga Antipa wiciye i Perugamo, ahari ihuriro ryo gusenga umwami w'abami (Ibyah 2:12, 13). Icyo gihe, ubutegetsi bwa

cyami bushobora kuba bwari bwaratangiye gusaba Abakristo gukora imihango yakorwaga n'indini rya leta. Byaba ari ukuri cyangwa atari ukuri, ikizwi ni uko ahagana mu mwaka wa 112, nk'uko bigaragara mu rwandiko rwohererejwe Trajan rwavuzweho mu ntangiriro y'iyi nkuru, Pline yasabaga Abakristo b'i Bituniya gukora imihango nk'iyoye.

Trajan yishimiye ukuntu Pline yakemuraga ibibazo byabaga byamushyikirijwe, agategeka ko Abakristo babaga banze gusenga imana z'Abaroma bicwa. Trajan yaranditse ati "icyakora iyo umuntu yahakanaga ko ari Umukristo, akabigaragaza asenga imana zacu, yarababarirwaga (ntibongere kumugirira urwikekwe) kubera ko yabaga yicujije."

Leta ya Roma ntiyashoboraga kwemera idini risaba abayoboke baryo kudasangera mu rindi dini. Abaroma ntibumvaga impamvu Imana y'Abakristo yari gusengwa nta yindi bayibangikanyije na yo kandi atari ko byari bimeze ku mana zabo. Abantu bumvaga ko gusenga imana za leta byagaragazaga gusa ko bashyigikiye ubutegetsu. Ku bw'ibyo, kwanga gusenga izo mana byafatwaga nk'aho ari ukugambanira igihugu. Ariko nk'uko Pline yabyiboneye, guhatira abenshi mu Bakristo gusenga izo mana, ntibyari gushoboka. Kuri bo, icyo gikorwa cyari kugaragaza ko bahemukiye Yehova, kandi Abakristo benshi bo mu kinyejana cya mbere bemeraga gupfa, aho gusenga umwami w'abami.

Kuki ibyo byagombye kudushishikaza muri iki gihe? Mu bihugu bimwe na bimwe, abatwaga basabwaga gusenga ibirango by'igihugu. Kubera ko turi Abakristo, twumvira ubutegetsu bwa leta (Rom 13:1). Icyakora, iyo habaye iminsi mikuru isaba ko duha icyubahiro amabendera, dukurikiza itegeko rya Yehova Imana ridusaba kumusenga wenyine, kandi tugakurikiza inama iboneka mu Ijambo rye igira iti "muhunge ibikorwa byo gusenga ibigirwamana," n'indi igira iti "mwirinde ibigirwamana" (1 Kor 10:14; 1 Yoh 5:21; Nah 1:2). Yesu yaravuze ati "Yehova Imana yawe ni we ugomba gusenga, kandi ni we wenyine ugomba gukorera umurimo wera" (Luka 4:8). Nimucyo rero dukomeze kubera Imana yacu indahemuka.

## Kuki tugomba kubaha abageze mu za bukuru?

MU NTARA ya Kaliforuniya ho muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, hari igiti kiri hafi y'inyanja abantu bakunda gufotora kuruta ibindi. Icyo giti ni icyo mu bwoko bw'umuzonobari (Lone Cypress). Bavuga ko icyo giti kimaze imyaka irenga 250. Kubera ko abantu bazi ko icyo giti cyiza kimaze igihe, bacyitaho cyane. Urugero, bagihambirije imigozi kandi bagishyigikiza amabuye, kugira ngo gikomere.

Icyo giti gishobora kutwibutsa Abakristo bagenzi bacu bageze mu za bukuru, bihanganye igihe kirekire. Bumwe mu buryo bushishikaje bagaragazamo ko bihangana ni ugutangaza ubutumwa bwiza. Umuhanuzi Yoweli yahanuye ko "abakambwe" bari gutangaza ubutumwa bwo muri Bibiliya (Yow 3: 1-4; Ibyak 2:16-21). Tekereza amasaha atagira umubare abo bantu bageze mu za bukuru bamara bafasha abandi kumenya ibihereyanye n'ubutumwa bwiza bw'ubwami' babigiranye ishyamba (Mat 24:14)! Bamwe muri abo babwiriza b'Ubwami bageze mu za bukuru bagiye bihanganyira ibitotezo n'izindi ngorane mu gihe cy'imyaka myinshi. Niba cya giti ubwacyo barabonye ko kimaze igihe kirekire, maze bakagihambiriza imigozi kandi bakagishyigikiza amabuye, ese twe ntitwagombye kuzirikana bagenzi bacu bageze mu za bukuru, kandi tukabubaha cyane?

Yehova Imana yategetse ubwoko bwe bw'Abisirayeli ati "ujye uhagurukira umeze imvi, wubahe umusaza" (Lewi 19:32). Mu bagaragu ba Yehova bo muri iki gihe, harimo abantu bizerwa 'bagendanye n'Imana' mu gihe cy'imyaka ibarirwa muri za mirongo


(Mika 6:8). Kubera ko abantu bageze mu za bukuru bakomeza kugendera ku mahame ya Bibiliya, mu by'ukuri imvi zabo ni "ikamba ry'icyubahiro."—Imig 16:31.

Intumwa Pawulo yagiriye Timoteyo wari ukiri muto inama igira iti 'ntugakangare umuntu usheshe akanguhe, ahubwo ujye umwiringa nka so [kandi] abakecuru ubinginge nka ba nyoko' (1 Tim 5:1, 2). Mu by'ukuri, Timoteyo yagombaga 'guhagurukira' abantu bafite imvi. Uko bigaragara rero, Yehova aba yiteze ko amagambo tuvuga agaragaza ko twubaha abageze mu za bukuru.

Mu Baroma 12:10, hari amagambo agira ati "ku birebana no kugaragarizanya icyubahiro, mufate iya mbere." Nta gushidikanya ko abagenzuzi bo mu itorero bubaha Abakristo bageze mu za bukuru. Ariko kandi, twese tugomba gufata iya mbere mu kubaha abandi.

Birumvikana ko abagize umuryango bafite inshingano yihariye yo kwita ku babyeyi babo, ba sekuru, na ba nyirakuru. Ku birebana na cya giti, abantu bashatse uburyo bwo gutuma kiramba, kandi na n'ubu baracyabikomeza. Mu by'ukuri rero, twagombye gushaka uburyo bwo gufasha ababyeyi bacu, ba sogokuru na ba nyogokuru bageze mu za bukuru, kugira ngo bakomeze kumva ko bafite agaciro. Urugero, nituba abantu bazi gutega amatwi, bizaturinda gutsimbarara dushaka ko ibintu bikorwa nk'uko dushaka, ahubwo twite ku biyumvo byabo.—Imig 23:22; 1 Tim 5:4.

Yehova abona ko Abakristo bagenzi bacu bageze mu za bukuru bafite agaciro, kandi ntiyigera abatererana (Zab 71:18). Koko rero, Imana y'ukuri irabakomeza kugira ngo bakomeze kuyikorera ari abizerwa. Nimucyo natwe dukomeze gushyigikira abageze mu za bukuru kandi tububahe.



*Nk'uko iki giti cyo mu bwoko bw'umuzonobari gikeneye gushyigikirwa, ni na ko abageze mu za bukuru bakwiriye kubahwa*



# BAGABO, ESE MUGANDUKIRA UBUTWARE BWA KRISTO?

*'Umutware w'umugabo wese ni Kristo.'*—1 KOR 11:3.

**M**U BYAHISHUWE 4:11, hagira hati “Yehova Mana yacu, birakwiriye ko ikuzo n'icyubahiro n'ububasha biba ibyawe, kuko ari wowe waremye ibintu byose, kandi icyatumye biremwa bikabaho ni uko wabishatse.” Kubera ko Yehova Imana ari we waremye byose, ni Umutegetsu w'Ikirenga w'ijuru n'isi kandi asumba ibiremwa byose. Kuba Yehova ari 'Imana itari iy'akaduruvayo, ahubwo ari iy'amahoro,' bishobora kugaragarira mu muryango we ugizwe n'abamarayika.'—1 Kor 14:33; Yes 6:1-3; Heb 12:22, 23.

<sup>2</sup> Imana yariho mbere y'uko irema ibindi bintu byose. Ikiremwa cy'umwuka Yehova yabanje kurema ni “Jambo,” bikaba bisobanura ko ari umuvugizi wa Yehova. Jambo uwo ni we waremye ibindi bintu byose. Nyuma yaho yaje ku isi ari umuntu utunganye, aza kwitwa Yesu Kristo.—*Soma muri Yohana 1:1-3, 14.*

<sup>3</sup> Ni gute Ibyanditswe bigaragaza ubutware bw'Imana ubugereranyije n'ubwa Yesu? Intumwa Pawulo yarahumekewe maze arandika ati “ndashaka ko mumenya ko umutware w'umugabo wese ari Kristo, kandi ko umutware w'umugore ari umugabo, naho umutware wa Kristo akaba Imana” (1 Kor 11:3). Kristo ayoborwa na Se. Kubaha ubutware no kuganduka ni ngombwa, kugira ngo ibiremwa bifite ubwenge bigire amahoro kandi bigendere kuri gahunda. Yesu ubwe 'wakoreshejwe mu kurema ibindi bintu byo-

1. Ni iki kigaragaza ko Yehova ari Imana igira gahunda? 2, 3. (a) Ni nde Yehova yaremye bwa mbere? (b) Ni uwuhe mwanya Umwana w'imfura afite uwugereranyije n'uwa Se?

se,' na we asabwa kugandukira ubutware bw'Imana.—Kolo 1:16.

<sup>4</sup> Yesu yumvaga ameze ate igihe yagandukiraga ubutware bwa Yehova maze akaza ku isi? Ibyanditswe bigira biti 'Kristo Yesu nubwo yari ameze nk'Imana, ntiyatekereje ibyo kwigarurira ubutware, ni ukuvuga kureshya n'Imana. Oya, ahubwo yiyambuye byose amera nk'umugaragu, maze amera nk'abantu. Ikirenze ibyo kandi, igihe yari amaze kuboneka mu ishusho y'umuntu, yicishije bugufi kandi arumvira kugeza ku rupfu, ndetse urupfu rwo ku giti cy'umubabaro.'—Fili 2:5-8.

<sup>5</sup> Buri gihe Yesu yumviraga Se yicishije bugufi. Yaravuze ati 'nta kintu na kimwe nshobora gukora nibwiririje; urubanza nca ni urw'ukuri kuko ntaharanira ibyo nshaka, ahubwo mparanira ibyo uwantumye ashaka' (Yoh 5:30). Nanone yaravuze ati 'buri gihe nkora ibishimisha [Data]' (Yoh 8:29). Ahagana ku mpera z'ubuzima bwa Yesu ku isi, yabwiye Se mu isengesho ati “naguhesheje icyubahiro ku isi, kuko narangije umurimo wampaye gukora” (Yoh 17:4). Uko bigaragara, Yesu yari azi neza ko Imana imuyobora kandi yarabyemeraga.

## Inyungu Umwana abonera mu kugandukira Se

<sup>6</sup> Igihe Yesu yari ku isi, yagaragaje imico myiza myinshi. Urukundo rukomeye yakundaga Se ni umwe muri iyo mico. Yaravuze ati “nkunda Data” (Yoh 14:31). Ikindi kandi,

4, 5. Ni gute Yesu yabonaga umwanya afite, awugereranyije n'uwa Yehova?

6. Ni iyihe mico myiza cyane Yesu yagaragaje?



yagaragaje ko akunda abantu cyane. (*Soma muri Matayo 22:35-40.*) Yesu yagwaga neza kandi akita ku bantu; ntiyakagatizaga kandi ntiyatwazaga igitugu. Yaravuze ati “nimuze munsange, mwese abagoka n’abaremerewe, nanjye nzabaruhura. Mwemere kuba abagaru banjye kandi munyigireho, kuko nito nda kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona ihumure. Kuko kuba umugaru wanjye bitaruhije kandi umutwaro wanjye utaremereye” (Mat 11:28-30). Ubutumwa bwa Yesu butera inkunga n’imico ye myiza, byahumurizaga abantu b’ingeri zose bagereranywaga n’intama, cyane cyane abakandamizwaga.

<sup>7</sup> Reka turebe uko Yesu yitaga ku bagore. Kuva kera abagabo benshi bafataga nabi abagore. Uko ni na ko byari biri ku bayobozi b’amadini bo muri Isirayeli ya kera. Ariko Yesu we yubahaga abagore. Ibyo byagaragaye igihe yitaga ku mugore wari umaze imyaka 12 ava amaraso. Abaganga benshi “bari baragiye bamubabaza,” kandi yari yaratanze umutungo we wose kugira ngo arebe ko yakira. Nubwo yari yarakoze ibyo byose, ‘yarushagaho kumererwa nabi.’ Amategeko ya Mose yagaragazaga ko yari ahumanye. Uwamukoragaho wese yabaga ahumanye.—Lewi 15: 19, 25.

<sup>8</sup> Igihe uwo mugore yamenyaga ko Yesu yarimo akiza abarwayi, yinjije mu kivunge cy’abantu bari bamukikije yibwira ati “ninkora ku mwitero we byonyine, ndakira.” Yakoze kuri Yesu, maze koko ahita akira. Yesu yari azi ko atagombaga gukora ku mwenda we. icyakora, ntiyigeze amubwira nabi. Ibinyuranye n’ibyo, Yesu yavuganye na we mu bugwaneza. Yiyumvishaga uko yari amerewe muri iyo myaka yose yari amaze arwaye, kandi abona ko nta muntu wari kuzamukiza. Yesu yamugiriye impuhwe, maze aramubwira ati “mukobwa,

7, 8. Ni iki Amategeko ya Mose yavugaga ku mugore wavaga amaraso, ariko se Yesu we yamufashe ate?

ukwizera kwawe kwagukijije. Genda amahoro kandi ukire.”—Mar 5:25-34.

<sup>9</sup> Abana na bo bumvaga bisanzuye iyo babaga bari kumwe na Yesu. Igihe abantu bazaniraga Yesu abana, abigishwa be barababujije, uko bigaragara bakaba barumvaga ko batagombaga kumutera icyugazi. Ariko uko si ko Yesu we yabibonaga. Inkuru ya Bibiliya iratubwira iti “Yesu abibonye ararakara maze arababwira ati ‘nimureke abana bato baze aho ndi, kandi ntimugerageze kubabuzaza, kuko ubwami bw’Imana ari ubw’abameze nka bo.’” Ikindi kandi, ‘yateruye abo bana atangira kubaha umugisha, abarambikaho ibiganza.’ Yesu ntiyigeze yakira abana by’umuhango gusa, ahubwo yabakiranaga urugwiro.—Mar 10:13-16.

<sup>10</sup> Ni iki cyafashije Yesu kugira imico yagaragazaga igihe yari ku isi? Igiye yabaga mu ijuru ataraba umuntu, yitegereje imico ya Se wo mu ijuru mu gihe kirekire cyane, kandi arayigana. (*Soma mu Migani 8:22, 23, 30.*) Nanone yabonaga uburyo Yehova yayoboraga ibiremwa bye abigiranye urukundo. Ibyo ni byo byatumye amwigana. Ese ibyo Yesu yari kubishobora, iyo aza kuba ari umuntu utaganduka? Yesu yishimiraga kugandukira Se, kandi Yehova yashimishwaga no kugira Umwana umeze atyo. Igihe Yesu yari ku isi, yagaragaje neza neza imico ihebuje ya Se wo mu ijuru. Mbega igikundiye dufite cyo kugandukira Kristo, we Imana yashyizeho kugira ngo abe Umutegetsi w’Ubwami bwo mu ijuru!


### Mwigane imico ya Kristo

<sup>11</sup> Twese abagize itorerero rya gikristo, cyane cyane abagabo, twagombye gukora uko du-shoboye kose kugira ngo twigane imico ya

9. Igihe abigishwa ba Yesu bageragezaga kubuza abana kumusanga, Yesu yabyitwayemo ate?

10. Ni iki cyafashije Yesu kugira imico yagaragaje igihe yari ku isi?

11. (a) Ni nde twagombye kwihatira kwigana? (b) Kuki mu itorerero abagabo ari bo bagombye kwihatira kwigana Yesu by’umwihariko?



*Tujye twigana Yesu mu kubaha abandi*



Kristo. Kimwe n'uko twigeze kubivuga, Bibiliya igira iti 'umutware w'umugabo wese ni Kristo.' Nk'uko Kristo yiganye Umutware we, ari we Mana y'ukuri, abagabo b'Abakristo na bo bagombye gushyiraho imihati bakigana umutware wabo, ari we Kristo. Intumwa Pawulo amaze guhinduka Umukristo, na we ni ko yabigenje. Yagiriye Abakristo bagenzi be inama agira ati "mujuje munyigana nk'uko nanjye nigana Kristo" (1 Kor 11:1). Ikindi kandi, intumwa Petero yagize ati "ibyho ni byo mwahamagariwe kuko na Kristo yababajwe ku bwanyu, akabasigira icyitegererezo kugira ngo mugere ikirenge mu cye" (1 Pet 2: 21). Hari indi mpamvu yagombye gutuma abagabo bakurikiza mu buryo bwihariye iyo nama yo kwigana Kristo. Abagabo ni bo baba abasaza n'abakozi b'itorero. Nk'uko Yesu yashimishwaga no kwigana Yehova, abagabo b'Abakristo na bo bagombye gushimishwa no kwigana Kristo n'imico ye.

<sup>12</sup> Abasaza bo mu itorero rya gikristo basabwa kwigana Kristo. Petero yagiriye inama abasaza agira ati "muragire umukumbi w'Imana mushinzwe kurinda, mutabikora nk'abahatwa; ahubwo mubikore mubikunze, mutabitewe no gukunda inyungu zishingiye ku buhemu, ahubwo mubikore mubishishikariye; mudatwaza igitugu abagize umurage w'Imana, ahubwo mujuje muba ibyitegererezo by'umukumbi" (1 Pet 5:1-3). Abasaza b'Abakristo ntibagomba gutwaza igitugu. Kugira ngo bigane urugero rwa Kristo, bihatira kuba abantu barangwa n'u-

12, 13. Ni gute abasaza bagombye gufata intama bashinzwe kwitaho?

rukundo, bita ku bandi, bicisha bugufi, kandi barangwa n’ubugwaneza mu byo bagirira intama bashinzwe kwitaho.

<sup>13</sup> Abantu bashinzwe ubuyobozi mu itorero ntibatunganye, kandi bagombye guhora bazirikana izo ntege nke bafite (Rom 3: 23). Ku bw’ibyo, bagomba kwihatira kwiga ibihareranye na Yesu kandi bakigana urukundo rwe. Bagomba gutekereza ukuntu Imana na Kristo bita ku bantu maze bakihatira kubigana. Petero yatugiriye inama agira ati “mwese mukenyere kwiyoroshya mu mishyikirano mugirana, kuko Imana irwana abishyira hejuru, ariko abicisha bugufi ikabagaragariza ubuntu bwayo butagereranywa.”—1 Pet 5:5.

<sup>14</sup> Mu gihe abagabo bahawe inshingano mu itorero bita ku mukumbi w’Imana, bagomba kugaragaza imico myiza. Mu Baroma 12:10 hagira hati “ku birebana n’urukundo rwa kivandimwe, buri wese agaragarize mugenzi we urukundo rurangwa n’ubwuzi. Ku birebana no kugaragarizanya icyubahiro, mufate iya mbere.” Abasaza n’abakozi b’itorero bubaha abandi. Nk’uko bimeze ku Bakristo bese, abo bagabo bagomba ‘kutagira icyo bakora babitewe n’ubushyamirane cyangwa kwishyira imbere, ahubwo bakajya biyoroshya batekereza ko abandi babaruta’ (Fili 2:3). Nta gushidikanya ko abagabo bafite inshingano z’ubuyobozi mu itorero bagombye kubona ko abandi babaruta. Iyo abo bagabo babigenje batyo, baba bakurikije inama Pawulo yatanze agira ati “nuko rero, twe bwe abakomeye tugomba gufasha abadakomeye kwihangana mu ntege nke zabo kandi ntitwinezeze. Buri wese anezeze mugenzi we mu byiza kugira ngo bimwubake. Kuko na Kristo atinejeje ubwe.”—Rom 15:1-3.

### Mujye ‘mwubaha’ abagore

<sup>15</sup> Reka turebe noneho inama Petero yagi-

14. Abasaza bagombye kugaragaza ko bubaha abandi mu rugero rungana iki?

15. Ni gute abagabo bagombye gufata abagore babo?

riye abagabo bashatse. Yaranditse ati “namwe bagabo, mukomeze kubana n’abagore banyu muhuje n’ubumenyi, mububaha kubera ko ari inzabya zoroshye kurushaho” (1 Pet 3:7). Kubaha umuntu byumvikanisha kumuha agaciro. Ku bw’ibyo rero, wagombye kwita ku bitekerezo bye, ibyo akeneye n’ibyo yifuza kandi ukabyemera niba nta mpamvu yumvikana yo kubyanga. Uko ni ko umugabo yagombye gufata umugore we.

<sup>16</sup> Igihe Petero yabwiraga abagabo ko bagomba kubaha abagore babo, yabahaye umuburo agira ati “kugira ngo amasengesho yanyu atagira inzitizi” (1 Pet 3:7). Ibyo bigaragaza neza ukuntu Yehova afatana uburemere uburyo umugabo yita ku mugore we. Iyo umugabo atubashye umugore we, bishobora gutuma amasengesho ye agira inkomyi. None se, niba abagabo bubaha abagore babo, ubwo abagore bo ntibagombye kubagandukira?

<sup>17</sup> Ijambo ry’Imana ritanga inama zirebana n’uko umugabo yagombye gukunda umugore we rigira riti ‘abagabo bakwirirye gukunda abagore babo nk’imibiri yabo bwite, kuko nta muntu wigeze yanga umubiri we, ahubwo arawugaburira akawukuyakuya nk’uko Kristo abigirira itorero. Umuntu wese muri mwe abe ari ko akunda umugore we nk’uko yikunda’ (Efe 5:28, 29, 33). Abagabo bagombye gukunda abagore babo mu

16. Ni uwuhe muburo Ijambo ry’Imana riha abagabo ku birebana no kubaha abagore?

17. Umugabo yagombye gukunda umugore we mu rugero rungana iki?

### Ese uribuka?

- Ni iyihe mico ya Kristo twagombye kwigana?
- Ni gute abasaza bagombye kwita ku ntama?
- Ni gute abagabo bagombye gufata abagore babo?

rugero rungana iki? Pawulo yaranditse ati “bagabo, mukomeze gukunda abagore banyu nk’uko Kristo na we yakunze itorerokandi akaryitangira” (Efe 5:25). Koko rero, umugabo yagombye kuba yiteguye no gu-pfira umugore we, nk’uko Kristo yadupfiriye. Iyo umugabo w’Umukristo agirira neza umugore we, akamwitaho mu buryo buzira ubwikunde, byorohera umugore we ku-mwubaha.

<sup>18</sup> Ese kwitega ko abagabo bubaha abagore babo muri ubwo buryo, ntibyaba ari ugukabya? Oya, Yehova ntiyari kubasaba gukora ikintu batashobora. Byongeye kandi, abase-nga Yehova bashobora guhabwa imbaraga ziruta izindi zose mu ijuru no ku isi, ni uku-

18. Ni ubuhe bufasha abagabo bahabwa kugira ngo basohoze inshingano zabo zirebana n’imiryango yabo?

vuga umwuka wera w’Imana. Yesu yaravuze ati “niba muzi guha abana banyu impano nziza kandi muri babi, So wo mu ijuru we ntazarushaho guha umwuka wera abawumusaba” (Luka 11:13)? Mu gihe abagabo basenga, bashobora gusaba Yehova ko yakoresha umwuka wera kugira ngo ubafashe kwita ku bandi, harimo n’abagore babo. —*Soma mu Byakozwe 5:32.*

<sup>19</sup> Koko rero, abagabo bafite inshingano iremereye yo kwitoza kugandukira Kristo no kwigana ukuntu akoresha ubutware. Ariko se twavugaga iki ku bagore, by’umwihariko abafite abagabo? Mu gice gikurikira, tuzasuzuma ukuntu bagombye kubona uruhare bafite muri gahunda ya Yehova.

19. Ni iki tuzasuzuma mu gice gikurikira?

## KUKI ABAGORE BAGOMBA KUGANDUKIRA UBUTWARE?

*‘Umutware w’umugore ni umugabo.’—1 KOR 11:3.*

**I**NTUMWA PAWULO yavuze ibirebana na gahunda Yehova yashyizeho, agira ati ‘umutware w’umugabo wese ni Kristo, kandi umutware w’umugore ni umugabo’ (1 Kor 11:3). Igice cyabanjirije iki cyagarajaje ko Yesu yabonaga ko kugandukira umutware we Yehova Imana, ari igikundiro kandi ko byatumaga yishima. icyo gice cyanagarajaje ko Kristo ari we mutware w’abagabo b’Abakristo. Kristo yagwaga neza, aka-

1, 2. (a) Ni iki intumwa Pawulo yanditse ku birebana na gahunda y’ubutware no kuganduka? (b) Ni ibihe bibazo turi busuzume muri iki gice?

girira abantu impuhwe, kandi ntarangwe n’ubwikunde mu mishyikirano yagiranaga n’abantu. Uko ni ko abagabo bagomba gufata abagize itorerokandi, cyane cyane abagore babo.

<sup>2</sup> None se ku bagore ho bimeze bite? Umutware wabo ni nde? Pawulo yaranditse ati ‘umutware w’umugore ni umugabo.’ Ni gute abagore bagombye gufata ayo magambo yahumetswe? Ese iryo hame rireba n’umugore ufite umugabo utizera? Ese kugandukira ubutware bw’umugabo byaba bivugaga ko umugore agomba guceceka, ntagire

ijambo mu gihe hafatwa imyanzuro runaka? Ni iki umugore yakora kugira ngo abe umugore ushimwa?

**“Reka muremere umufasha umukwiriye”**

<sup>3</sup> Gahunda y’ubutware yashyizweho n’Imana. Yehova amaze kurema Adamu, yavuze ati “si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye.” Imana imaze kurema Eva, Adamu yishimiye cyane kuba yari abonye umufasha, ku buryo yavuze ati “uyu ni igufwa ryo mu magufwa yanjye, ni akara ko mu mara yanjye” (Itang 2:18-24). Adamu na Eva bari bafite ibyiringiro bihebuje byo kuzakomokwaho n’abantu bose batunganye, bari kuzabaho iteka muri paradizo bafite ibyishimo.

<sup>4</sup> Kuba ababyeyi bacu ba mbere barigome-tse, byatumye ubuzima butunganye abantu bari bafite muri Edeni budakomeza kubaho. (*Soma mu Baroma 5:12.*) Ariko Yehova yari akibona ko umugabo ari umutware w’umugore. Iyo abashyiriranywe bubahirije iryo hame ry’ubutware, bibagirira akamaro cyane kandi bigatuma bagira ibyishimo. Ibyo bituma bagira ibyishimo nk’ibyo Yesu yaterwaga no kugandukira umutware we, ari we Yehova. Igihe Yesu yari ataraba umuntu ‘yahoraga yishimye imbere ya [Yehova]’ (Imig 8:30, NW). Kubera ko abantu badatunganye, abagabo ntibagikoresha ubutware bwabo neza, kandi abagore na bo ntibakiganduka nk’uko bikwiriye. icyakora, iyo abagabo n’abagore bakomeje gukora uko bashoboye kose bakubahiriza iyo gahunda y’ubutware, bituma imiryango igira ibyishimo byinshi.

<sup>5</sup> Ikintu cy’ingenzi gituma abagize umuryango bagira icyo bageraho, ni ugukurikiza inama ireba Abakristo bose igira iti “ku bi-

3, 4. Kuki gahunda y’ubutware mu muryango ifite akamaro?

5. Kuki umugabo n’umugore bagombye kuzirikana inama iboneka mu Baroma 12:10?

rebana n’urukundo rwa kivandimwe, buri wese agaragarize mugenzi we urukundo rurangwa n’ubwuzu. Ku birebana no *kugaragarizanya icyubahiro*, mufate iya mbere” (Rom 12:10). Nanone, umugabo n’umugore bagombye gukora ibishoboka byose kugira ngo ‘bagirirane neza, bagirirane impuhwe, kandi babe biteguye kubabarirana.’—Efe 4:32.

**Mu gihe umwe mu bashakanye atizera**

<sup>6</sup> Byagenda bite se uwo mwashakanye abaye adakorera Yehova? Akenshi, umugabo ni we uba utizera. Muri icyo gihe se, ni gute umugore yagombye gufata umugabo we? Bibiliya isubiza igira iti “namwe bagore, mugandukire abagabo banyu kugira ngo niba hari n’abagabo batumvira ijambo, bareshywe n’imyifatire yanyu, ari nta jambo muvuze, kuko bazaba bibonera imyifatire yanyu izira amakemwa, kandi irangwa no kubaha cyane.”—1 Pet 3:1, 2.

<sup>7</sup> Ijambo ry’Imana risaba umugore gukomeza kugandukira umugabo utizera. Imyifatire ye myiza ishobora gutuma umugabo we yibaza impamvu umugore we yitwara neza. Ibyo bishobora gutuma uwo mugabo ajenzura imyizerere y’umugore we, maze amaherezo akaba yakwemera ukuri.

6, 7. Iyo Umukristokazi agandukiye umugabo we utizera, bishobora kugira akahe kamaro?



*Isengesho rishobora gufasha Umukristokazi kugira imico y’Imana*

<sup>8</sup> Ariko se byagenda bite umugabo utizera adahindutse ngo yemere ukuri? Ibyanditswe bitera Umukristokazi inkunga yo kugaragaza imico ya gikristo igihe cyose, niyo byaba bimugoye bite. Urugero, mu 1 Abakorinto 13:4 hagira hati “urukundo rurihangana.” Ku bw’ibyo rero, Umukristokazi yaba agize neza akomeje ‘kwiyoroshya rwose, akitonda, kandi akihangana,’ ari na ko agaragaza urukundo (Efe 4:2). Imbaraga Imana ikoresha, ari zo mwuka wera, zishobora kumufasha gukomeza kugira imico ya gikristo nubwo yaba ahanganye n’imimerere igoye.

<sup>9</sup> Pawulo yaranditse ati “mu bintu byose, ngira imbaraga binyuze ku Mana, yo impa imbaraga” (Fili 4:13). Umwuka w’Imana utuma Abakristo bashakanye bakora ibintu byinshi batari gushobora. Urugero, iyo umwe mu bashakanye abwiye nabi mugenzi we, bishobora gutuma na we ashaka kwiherera. icyakora, Bibiliya igira inama Abakristo bose igira iti “ntimukiture umuntu wese iki-bi yabakoreye . . . kuko handitswe ngo ‘guhora ni ukwanjye, ni jye uzitura, ni ko Yehova avuga’” (Rom 12:17-19). Mu buryo nk’ubwo, mu 1 Abatesalonike 5:15, haduha inama igira iti “mwirinde hatagira uwo muri mwe witura umuntu wese inabi yamugiriye, ahubwo buri gihe muharanire icyabera cyiza bagenzi banyu n’abandi bose.” Iyo dufashijwe n’umwuka wera wa Yehova, tugera ku bintu tutari kuzigera tugeraho dukoresheje imbaraga zacu. Mbega ukuntu bikwiriye ko dusenga Imana tuyisaba umwuka wera kugira ngo udufashe!

<sup>10</sup> Yesu yatanze urugero rwiza cyane binyuze ku myifatire yagiraga igihe abantu babaga bamubwiye nabi, cyangwa bakamukorerera ibintu bibi. Muri 1 Petero 2:23, hagira hati “yaratutswe ntiyasubiza. Igihe yababazwaga ntiyabakangishije, ahubwo yakomeje

8, 9. Ni iki Umukristokazi yakora mu gihe umugabo we utizera yaba adashishikajwe n’imyifatire ye myiza?

10. Ni gute Yesu yitwaraga ku bantu bamubwiraga nabi, cyangwa bakamukorerera ibikorwa bibi?

kwishyira mu maboko y’uca imanza zikiranuka.” Duterwa inkunga yo gukurikiza urugero rwe rwiza. Ntitukarakazwe n’imyifatire mibi y’abandi. Nk’uko Abakristo bose babigirwamo inama, mujye ‘mugirirana impuhwe kandi mwicishe bugufi, mutagira uwo mwitura inabi yabagiriye cyangwa ngo mu-subize ubatutse.’—1 Pet 3:8, 9.

### Ese abagore nta jambo bagira?

<sup>11</sup> Ese kugandukira umugabo byaba bivuga ko abagore nta jambo bagomba kugira mu rugo, cyangwa ngo babe batanga igitekerezo mu myanzuro igomba gufatwa mu muryango? Si uko bimeze. Yehova yahaye abagore inshingano nyinshi nk’uko yazihaye abagabo. Tekereza ku gikundiro gikomeye abantu 144.000 bafite cyo kuba abami n’abatambyi mu ijuru, bayobowe na Kristo mu gihe azaba ateguka isi. Muri uwo mubare harimo n’abagore (Gal 3:26-29). Uko bigaragara, Yehova yatumye abagore bagira uruhare rugaragara muri gahunda ye.

<sup>12</sup> Urugero, mu bihe bya Bibiliya, bamwe mu bagore barahanuraga. Muri Yoweli 3: 1-2, hari ubuhanuzi bugira buti “nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose, abahungu banyu n’abakobwa banyu bazahanuraga. . . . Ndetse n’abagaragu banjye n’abaja banjye nzabasukira ku Mwuka wanjye muri iyo minsi.”

<sup>13</sup> Mu bigishwa ba Yesu bagera ku 120 bari bateraniye mu cyumba cyo hejuru i Yerusalemu ku muni wa Pentekote yo mu mwaka wa 33, harimo n’abagore. Umwuka w’Imana wasutswe kuri iryo tsinda ryose ry’abantu. Ku bw’ibyo rero, Petero yashoboraga gusubiramo ibyo umuhanuzi Yoweli yahanuye, maze akagaragaza ko byasohoreye kuri abo bagabo n’abagore. Yagize ati “ibi ni ibyavuzwe binyuze ku muhanuzi Yowe-

11. Ni ikihe gikundiro gikomeye abagore bamwe bazagira?

12, 13. Tanga urugero rugaragaza ukuntu abagore bahanyeye.

li, ngo ‘mu minsi ya nyuma,’ ni ko Imana ivuga, ‘nzasuka umwuka wanjye ku bantu b’ingeri zose, kandi abahungu banyu n’abakobwa banyu bazahanura . . . ; ndetse n’abagaragu banjye n’abaja banjye nzabasukahwa umwuka wanjye muri iyo minsi, kandi bazahanura.’” —Ibyak 2:16-18.

<sup>14</sup> Mu kinyejana cya mbere, Abagore bagize uruhare rugaragara mu gukwirakwiza Ubukristo. Babwirije ibihareranye n’Ubwami bw’Imana, kandi bakora ibintu byari bifitanye isano n’uwo murimo (Luka 8: 1-3). Urugero, intumwa Pawulo yavuze ko Foyibi ‘yakoreraga umurimo mu itorero ry’i Kenkireya.’ Ikindi kandi, igihe Pawulo yoherezaga intashyamba ababwiriza bagenzi be, yavuzemo abagore benshi bizerwa, harimo ‘Tirifayina na Tirifoza, abagore bakoranaga umwete mu Mwami.’ Nanone yaravuze ati “mutashye Perusi uwo dukunda, kuko yakoze imirimo myinshi mu Mwami.”—Rom 16:1, 12.

<sup>15</sup> Muri iki gihe, mu bantu basaga miriyoni ndwi babwiriza ubutumwa bwiza bw’Ubwami bw’Imana hirya no hino ku isi, abenshi muri bo ni abagore (Mat 24: 14). Abenshi muri bo ni ababwiriza b’igihe cyose, abamisyonari n’abakozi ba Beteli. Umwanditsi wa Zaburi Dawidi yararirimbye ati “Umwami Imana yatanze itegeko, abagore bamamaza inkuru baba benshi” (Zab 68: 12). Mbega ukuntu ayo magambo yabaye impamo! Yehova aha agaciro uruhare abagore bagira mu gutangaza ubutumwa bwiza

14. Ni uruhe ruhare abagore bagize mu gukwirakwiza Ubukristo mu kinyejana cya mbere?

15. Ni uruhe ruhare abagore bagira mu gukwirakwiza Ubukristo muri iki gihe?



*Yehova aha agaciro uruhare abagore bagira mu guteza imbere inyungu z’Ubwami*

no mu gusohoza imigambi ye. Mu by’ukuri, kuba Abakristo-kazi basabwa kuganduka, ntibivugira ko nta jambo bagira.

### **Abagore babiri bagize icyo bakora**

<sup>16</sup> Ese niba Yehova aha abagore inshingano nyinshi, abagabo ntibagombye kujya babagisha inama mbere yo gufata imyanzuro ikomeye? Byaba byiza babigenje batyo. Bibiliya igaragaza ingero zitandukanye z’ukuntu abagore bagiye bagira icyo bavugaga cyangwa bakagira icyo bakora,

batirirwa banabaza abagabo babo. Reka turebe ingero ebyiri.

<sup>17</sup> Umugore w’umukurambere Aburahamu witwaga Sara, yakomezaga kumubwira ko yakwirukana umugore we wa kabiri n’umwana we kubera ko basuzuguraga. Bibiliya ivuga ko ibyo bintu ‘byateye Aburahamu agahinda kenshi,’ ariko ko bitababaje Imana. Yehova yabwiye Aburahamu ati “we kugirira uwo muhungu agahinda n’umuja wawe, ibyo Sara akubwira byose umwumvire” (Itang 21:8-12). Aburahamu yumviye Yehova, maze ategera amatwi Sara, kandi akora ibyo Sara yamusabye.

<sup>18</sup> Tekereza nanone ku byabaye kuri Abigayili wari umugore wa Nabali. Igihe Dawidi yahungaga Umwami Sawuli wari umufitiye ishyamba, yamaze igihe akambitse hafi y’umukumbi wa Nabali. Aho kugira ngo Dawidi

16, 17. Ni gute urugero rwa Sara rugaragaza ko abagore bafite ijamba mu muryango?

18. Ni iki Abigayili yiyemeje gukora?

n'abantu be bafate bumwe muri ubwo butunzi bwinshi bwa Nabali, baraburinze. icyakora, Nabali "yari umunyamwaga w'inkozi y'ibibi," kandi 'yakankamiye' abantu ba Dawidi. Nabali yari 'ikigoryi,' kandi yari 'umupfu.' Igihe abantu ba Dawidi basabaga Nabali kugira icyo abaha bamwubashye, yaranze. Abigayili yabigenje ate igihe yumvaga ibyabaye? Nta kintu yabwiye Nabali, ahubwo 'yagize vuba, yenda amarobe y'imitsima magana abiri n'imvumba ebyiri za vino, n'inyama z'intama eshanu zihye n'ingero eshanu z'ingano zikaranze, n'amaseri ijana y'inzabibu zumye n'imibumbe magana abiri y'imbutu z'umutini,' maze abihira Dawidi n'abantu be. Ese ibyo Abigayili yakozze byari bikwiriye? Ibyabaye nyuma yaho bigaragaza ko ibyo yakozze byari bikwiriye. Bibiliya igira iti "Uwiteka akubita Nabali arapfa." Nyuma yaho, Dawidi yaje kurongora Abigayili. —1 Sam 25:3, 14-19, 23-25, 38-42.

### 'Umugore ushimwa'

<sup>19</sup> Ibyanditswe bishimagiza umugore usohozze inshingano ze nk'uko Yehova abishakira. Igitabo cya Bibiliya cy'Imigani gishimagiza "umugore w'imico myiza" kivuga kiti "arusha cyane rwose marijani igiciro. Umuntu w'umugabo we uhora umwiringira, kandi ntazabura kunguka. Ahora amugirira

19, 20. Ni iki gituma umugore ashimwa cyane?

#### Ese uribuka?

- Ni iyihe gahunda y'ubutware no kuganduka Yehova yashyizeho?
- Kuki abashakanye bagombye kubahana?
- Ni gute Umukristokazi yagombye gufata umugabo we utizera?
- Kuki abagabo bagombye kubanza kugisha inama abagore babo mbere yo gufata imyanzuro ikomye?

neza ntabwo amugirira nabi, igihe cyose akirihohohoye." Byongeye kandi, "abumbuza akanwa ke ubwenge, kandi itegeko ry'ururimi rwe riva ku rukundo. Amenya neza imico yo mu rugo rwe, kandi ntabwo aya ibyokurya by'ubute. Abana be barahaguruka bakamwita Munyamugisha, n'umugabo we na we aramushima."—Imig 31:10-12, 26-28.

<sup>20</sup> Ni iki gituma umugore ashimwa cyane? Bibiliya igira iti "ubutoni burashukana kandi uburanga bwiza ni ubusa, ariko umugore wubaha Uwiteka ni we uzashimwa." Gutinya Yehova bikubiyemo no kwemera kugandukira gahunda y'ubutware Yehova yashyizeho. Bibiliya igira iti 'umutware w'umugabo wese ni Kristo, kandi umutware w'umugore ni umugabo, naho umutware wa Kristo ni Imana.'—1 Kor 11:3.

### Jya ushimira Imana impano yaguhaye

<sup>21</sup> Abakristo bashatse bafite impamvu nyinshi zo gushimira Imana. By'umwihariko bashobora gushimira Imana kubera ko yabahaye impano y'ishyingiranwa ituma babona uburyo bwo kuba umwe, maze bagakorerwa Yehova bunze ubumwe kandi bishimye (Rusi 1:9; Mika 6:8). Kubera ko ari we watangije ishyingiranwa, azi neza icyakorwa kugira ngo abashyingiranywe bagire ibyishimo. Mujye mukora ibyo ashaka, bityo 'kwishimana Uwiteka bizaba intege zanyu.'—Neh 8:10.

<sup>22</sup> Umugabo w'Umukristo ukunda umugore we nk'uko yikunda, azamukundwako kandi akoreshe neza ubutware bwe. Mu by'ukuri umugore wubaha Imana azakundwa, kubera ko ashyingikira umugabo we kandi akamwubaha cyane. Ikiruta byose, urugo rwabo rw'intangarugero ruzubahisha Yehova Imana.

21, 22. (a) Ni izihe mpamvu Abakristo bashyingiranywe bafite zo gushimira Imana, yo yatanze impano y'ishyingiranwa? (b) Kuki twagombye kubaha gahunda y'ubutware Yehova yashyizeho? (Reba agasanduku ku ipaji ya17.)



## Kuki twagombye kumvira ubutware?

Yehova yashyizeho gahunda y'ubutware ibiremwa bye bifite ubwenge bigomba kugandukira. Iyo gahunda yashyizweho kugira ngo igirire akamaro ibiremwa by'umwuka n'iby'abantu. Iyo gahunda ituma ibyo biremwa bibona uburyo bwo gukoresha umudendezo wo kwihitiramo no gusingiza Imana binyuriye mu kuyikorera byunze ubumwe, kandi mu buryo bwiza.—Zab 133:1.

Abakristo bagize itorero ry'abasutsweho umwuka, bazirikana ko Yesu Kristo ari we mutware wabo (Efe 1:22, 23). Kugira ngo Umwa-

na agaragaze ko yubaha ubutware bwa Yehova, amaherezo “azagandukira Uwamweguriye ibintu byose, kugira ngo Imana ibe byose kuri bose” (1 Kor 15:27, 28). Ku bw'ibyo se, mbega ukuntu bikwiriye ko abantu biyeguriye Imana bubahiriza gahunda y'ubutware bwashyizweho mu itorero, hamwe no mu muryango (1 Kor 11:3; Heb 13:17)! Iyo tubigenje dutyo, ni twe bigirira akamaro kubera ko bituma Yehova atwemera, kandi akaduha imigisha.—Yes 48:17.

# KOMEZA KUBA UMUNTU UKOMEYE MU BURYO BW'UMWUKA MU GIHE WITA KU WO MUFITANYE ISANO URWAYE

**B**IMAZE kugaragara ko Umuhamywa wa Yehova witwa Kim afite ikibyimba hafi y'uruti rw'umugongo, baramusuzumye maze basanga arwaye kanseri.\* Umugabo we Steve yaravuze ati “bamaze kubaga umugore wanjye Kim icyo kibyimba, bamunyujije mu cyuma kandi bamuha n'indi miti ya kanseri. Iyo miti yamugizeho ingaruka, maze agira intege nke cyane kandi kugenda byaramugoraga.”

Ese uriyumvisha agahinda Steve yari afite igihe yitegerezaga ukuntu umugore we akunda yababaraga cyane bitewe n'iyi ndwara? Bira-shoboka ko nawe ufite uwo mufitanye isano urwaye indwara imubabaza cyane, cyangwa utagifite agatege bitewe n'iza bukuru (Umubw 12:1-7). Niba ari uko bimeze se, waba uzi ko ugomba kubanza kwiyitaho kugira ngo ushobore kwita ku wo ukunda mu buryo bwiza? Iyo ucutse intege mu buryo bw'umwuka, bishobo-

\* Amazina yarahinduwe.

ra no gutuma wumva utameze neza, ndetse bigatuma ubura imbaraga zo kwita ku bagize umuryango wawe. None se ni gute washyira mu gaciro mu buryo bw'umwuka mu gihe wita ku muntu mufitanye isano urwaye cyangwa ugeze mu za bukuru? Ni iki abagize itorero rya gikristo bakora, kugira ngo bagaragaze ko bitaye kuri uwo murwayi?

### Ni gute wasohoza neza izo nshingano zombi?

Kugira ngo ushobore kwita ku bintu by'umwuka kandi wite no ku buzima bwawe mu gihe hari uwo mufitanye isano urwaye, ukeneye kumenya gukoresha neza imbaraga zawe n'igihe cyawe. Mu migani 11:2, NW, hagira hati “ubwenge bufitwe n'abiyoroshya.” Ahangaha, ijambo 'kwiyoroshya' ryumvikanisha kumenya aho ubushobozi bw'umuntu bugarukira. Kugira ngo umenye neza niba udakora ibirenze ubushobozi bwawe, ukeneye



*Jya ushyira mu gaciro mu gihe wita ku bintu by'umwuka, kandi wemere ubufasha uhabwa n'abandi*



gusuzuma gahunda yawe n'inshingano ufite.

Steve yagaragaje ubwenge no kwiyoroshya asuzuma gahunda y'akazi kose afite. Uretse kuba yari afite akazi gasanzwe, yari n'umuhuzabikorwa w'inteko y'abasaza kandi akaba n'umugenzuzi w'umurimo mu itorero ry'Abahamya ba Yehova ryo muri Irilande. Nanone yari mu bagize Komite Ishinzwe Guhuza Abarwayi n'Abaganga. Steve yaravuze ati "umufasha wanjye Kim ntiyigeze yinubira ko kuba naritaga kuri izo nshingano byatumaga ntamwitaho. Ariko nanjye niboneraga ko nakoraga ibirenze ubushobozi bwanjye!" Ni gute Steve yabyitwiyemo? Yaravuze ati "maze kubitekerezaho no kubishyira mu isengesho, nafashe icyemezo

cyo kureka inshingano yo kuba umuhuzabikorwa w'itorero. Nakomeje gusohozza inshingano z'abasaza, ariko kuba inshingano z'itorero zimwe narazihaye abandi, byatumye mbona igihe cyo kwita ku mugore wanjye Kim."

Kim yageze aho agarura agatege. Steve na Kim basuzumye imimerere barimo, maze Kim afasha umugabo we, nyuma y'igihe runaka yongeraga gusohozza neza inshingano ze mu itorero. Ibyo Steve yabisobanuye agira ati "twembi twize uko twasohozza inshingano zacu muri icyo mimerere twatewe n'uburwayi. Ndashimira Yehova cyane kubera ubufasha yampaye, kandi ndashimira n'umugore wanjye kubera ko yanshyigikiye atitotomba nubwo yari arwaye."

Reka nanone dusuzume ibyabaye ku mugezuzi usura amatorero witwa Jerry, ndetse n’umugore we Maria. Bagombaga kugira ibyo bahindura ku ntego zabo, kugira ngo babone uko bita ku babyeyi babo bari bageze mu za bukuru. Maria yaravuze ati “jye n’umugabo wanjye twari dufite intego yo gukorera umurimo w’ubumisiyonari mu kindi gihugu. icyakora, Jerry ni we mwana wenyine iwabo bari bafite, kandi ababyeyi be bari bakeneye kwitabwaho. Ku bw’ibyo, twahisemo kuguma muri Irilande kugira ngo tubiteho. Ibyo byatumye dushobora kujya kwita kuri se wa Jerry igihe yari mu bitaro mbere y’uko apfa. Ubu tubonana na nyina wa Jerry buri muni, kandi kumufasha mu byo akeneye biratworohera. Abagize itorero nyina wa Jerry yifatanyamo, baradufashije bituma tuguma mu murimo wo gusura amatorero.”

### **Uko abandi bashobora gutanga ubufasha**

Igihe intumwa Pawulo yavugaga ibihereanye n’ubufasha abapfakazi bageze mu za bukuru mu itorero bagombaga guhabwa, yagize ati “iyi umuntu adatunga abe, cyane cyane abo mu rugo rwe, aba yihakanye ukwizera, kandi aba ari mubi cyane hanyuma y’utizera.” Pawulo yibukije Abakristo bagenzi be ko niba barashakaga ‘kwemerwa imbere y’Imana,’ bagombaga guha ababyeyi babo bageze mu za bukuru, ba sekuru na ba nyirakuru, ibyo bari kuba bakeneye (1 Tim 5:4, 8). icyakora, abandi bagize itorero bashobora gutanga ubufasha bw’ingirakamaro.

Zirikana urugero rwa Hakan na Inger, umugabo n’umugore bageze mu za bukuru baba mu gihugu cya Suwede. Hakan yagize ati “igihe umugore wanjye bamusuzumaga bakamusangamo kanseri, twumvise tubaye nk’abakubiswe n’inkuba. Ubusanzwe Inger yagiraga ubuzima bwiza kandi akagira imbaraga. Ariko icyo gihe bwo, byabaye ngombwa ko buri muni tujya kwa muganga, kandi ingaruka z’imiti zatumye anegekara. Muri icyo gihe Inger yagumaga mu rugo, kandi nanjye nagumanaga na we kugira ngo mwiteho.” Ni gute itorero ryabo ryabafashije?

Abasaza bo mu itorero bashyizeho uburyo bwari gutuma Hakan na Inger bakurikirana amateraniri kuri telefoni. Ikindi kandi, abavandimwe na bashiki bacu bahoraga babasura kandi bakabaterefonu. Byongeye kandi, barabandikiraga bakaboherereza n’amakarita. Hakan agira ati “twiboneye ubufasha bwa Yehova n’ubw’abavandimwe bose. Kutwitaho muri ubwo buryo byatugiriye akamaro kuko byatumye dukomeza gukomera mu buryo bw’umwuka. Igishimishije ni uko Inger yakize, kandi twashoboye kongera kujya mu materaniri ya gikristo abera ku Nzu y’Ubwami.” Iyo abagize itorero bakoze ibishoboka byose bakita ku barwayi hamwe n’abageze mu za bukuru bari mu itorero ryabo, baba bagaragaje ko ari ‘incuti zikundana ibihe byose, kandi [ko ari] abavandimwe bavukiye gukura abandi mu makuba.’—Imig 17:17.

### **Yehova yishimira imihati mushyiraho**

Kwita ku bo dufitanye isano barwaye, bishobora kutugora. icyakora Umwami Dawidi yanditse ati “hahirwa uwita ku bakene,” urugero nk’umuntu ukeneye kwitabwaho kubera uburwayi.—Zab 41:2.

Kuki abantu bita ku barwaye cyangwa abababara bagira ibyishimo? Mu Migani 19:17 hagarira hati “ubabariye umukene aba aguriye Uwitete, na we azamwishyurira ineza ye.” Imana y’ukuri yita by’umwihariko ku bagaragu bayo b’indahemuka bababara, kandi iha imigisha abantu babitaho. Dawidi Umwanditsi wa zaburi yararirimbye ati “Uwitete azamwiyegamiza ahondobereye ku buriri, ni wowe umubyukiriza uburiri iyo arwaye” (Zab 41:4). Dushobora kwiringira tudashidikanya ko abantu bita ku bandi na bo baramutse bahuye n’ingorane, Yehova yabafasha.

Mbega ukuntu ari byiza kumenya ko Yehova Imana abona ibyo dukora kugira ngo twite kuri bene wacu barwaye, kandi akabyishimira! Nubwo kubitaho muri ubwo buryo bidusaba imbaraga nyinshi, Ibyanditswe bitwizeza ko “ibitambo bimeze bityo ari byo bishimisha Imana.”—Heb 13:16.

# HARANI

## YAKORERWAGAMO IBINTU BYINSHI

**I**YO abantu bazi ibya Bibiliya bumvise izi-na Harani, bahita bibuka Aburahamu wari umukurambere wizerwa. Igihe Aburahamu yavaga muri Uri aya mu gihugu cy'i Kanani ari kumwe n'umugore we Sara, na se witwaga Tera n'umuhungu wabo Loti, batuye i Harani. Aburahamu ageze aho, yagize ubutunzi bwinshi. Se w'Aburahamu amaze gupfa, yakomeje urugendo aya mu gihugu Imana y'ukuri yari yarabasezeranyije (Itang 11:31, 32; 12:4, 5; Ibyak 7:2-4). Nyuma yaho, yohereje umugaragu we mukuru i Harani cyangwa mu gace kari hafi aho, ngo ajye gushakira Isaka umugore. Umwuzukuru wa Aburahamu ari we Yakobo, na we yahabaye igihe kirekire.—Itang 24:1-4, 10; 27:42-45; 28:1, 2, 10.

Igihe Senakeribu umwami wa Ashuri yatuma-ga kuri Hezekiya umwami w'u Buyuda agira ngo amutere ubwoba, yavuze 'ibihugu' abami ba Ashuri bigaruriye, avugamo na Harani. Iryo jambo 'Harani' ntriyerekeza gusa ku mugwi wa Harani, ahubwo rinerekeza ku tundi turere twari hafi yaho (2 Abami 19:11, 12). Mu buhanuzi bwa Ezekiyeli, Harani ivugwaho ko ari umwe mu migi ikomeye yahahiranaga na Tiro, ibyo bikaba byemeza ko Harani yari umugi ukomeye w'ubucuruzi.—Ezek 27:1, 2, 23.

Muri iki gihe, Harani ni umugi muto uri hafi ya Şanlıurfa, mu Burasirazuba bwa Turukiya. icyakora, hari igihe uwo mugwi wa kera wigeze

gukorerwamo ibintu byinshi. Harani ni umwe mu migi mike ya kera igifite izina rivugwa muri Bibiliya. Mu rurimi rw'Abashuri, Harani yitwa Harranu, bikaba bishobora gusobanura 'umuhanda,' cyangwa 'inzira y'igihogere.' Ibyo rero bigaragaza ko Harani yari yubatswe ku mihanda minini ihuza imigi minini. Dukurikiye inyandiko yataburawe i Harani, Umugabekazi w'Umwami Nabonide w'i Babuloni yari umutambyi mukuru mu rusengero rw'imana y'ukwezi y'i Harani yitwaga Sini. Hari abavuga ko Nabonide yongeye kubaka urwo rusengero. Nyuma yaho, i Harani hagiye habaho ubwami bwinshi hanyuma bukagwa, ariko izina Harani ryo ryagumyeho.

Muri iki gihe, Harani ntikimeze nk'uko yari imeze kera. Hari igihe Harani ya kera yigeze kuba umugi wateye imbere kandi ukomeye. icyakora Harani yo muri iki gihe, ni ahantu hari amazu afite ibisenge bya muviringo. Ikikijwe n'amatongo agaragaza umuco wa kera. Mu isi nshya y'Imana, abantu benshi babaye mu mugwi wa Harani, harimo Aburahamu, Sara na Loti, bazazuka. Birashoboka cyane ko bazatubwira byinshi ku bihereranye na Harani, umugi wakorerwagamo ibintu byinshi.

*Amatongo y'i Harani*



*Uko Harani imeze muri iki gihe uyirebeye kure*

## Ibibazo by'abasomyi

**Kuki Yehova atahannye Aroni igihe yaremaga inyana ya zahabu, kandi ubusanzwe atemera ko abantu basenga ibishushanyo?**

Igihe Aroni yakoraga inyana ya zahabu nk'uko bivugwa mu Kuva igice cya 32, yishe itegeko ry'Imana ribuzanya gusenga ibigirwamana (Kuva 20:3-5). Ibyo byatumye 'Uwiteka arakarira Aroni cyane ashaka kumurimbura, muri uwo mwanya [Mose] aramusabira' (Guteg 9:19, 20). Ese iryo sengesho rya Mose wari umukiranutsi ryagize "imbaraga" mu gukemura ibibazo cya Aroni (Yak 5:16)? Yego rwose. Birashoboka ko Yehova yashubije isengesho rya Mose maze ntahane Aroni, kubera ko Mose yamwinginze cyangwa bikaba byaratewe n'izi ndi mpamvu nibura ebyiri.

Uko bigaragara, impamvu ya mbere ni uko Aroni yari azwiho kuba indahemuka. Igihe Mose yahabwaga itegeko ryo kujya kwa Farawo gukura Abisirayeli muri Egipta, Yehova yashyizeho Aroni kugira ngo amuherekeze, kandi aje amuvugira (Kuva 4:10-16). Abo bagabo babiri barumviye, bajya kureba umwami wa Egipta incuro nyinshi, kandi bihangana Farawo wari winangiyeye umutima. Ku bw'ibyo, igihe Aroni yari akiri muri Egipta yagaragaje ko ari indahemuka, kandi ko yari ashikamye ku murimo yakoreraga Yehova.—Kuva 4:21.

Reka dusuzume nanone icyatumye Aroni arema inyana ya zahabu. icyo gihe Mose yari amaze iminsi 40 ku Musozi wa Sinayi. Igihe 'abantu babonaga Mose atinze kumanuka wa musozi,' bamuhatiye kubaremara ikigirwamana. Aroni yarabyemeye, maze abakorera igi-



shushanyo cy'inyana ya zahabu (Kuva 32:1-6). icyakora, ibyo Aroni yakozwe nyuma yaho bigaragaza ko umutima we utemeraga ibyo gusenga ikigirwamana. Bisa n'aho babimuhatiye maze akabyemera. Urugero, igihe Mose yari agiye gukemura icyo kibazo cyo gusenga ikigirwamana, Abalewi bose, harimo na Aroni, bagiyeye ku ruhande rwa Yehova bashikamye. Abantu bagera ku bihumbi bitatu bose bafashe iya mbere mu gusenga ikigirwamana, barishwe.—Kuva 32:25-29.

Nyuma yaho Mose yabwiye Abisirayeli ati "mwakozwe icyaha gikomeye" (Kuva 32:30). Ku bw'ibyo, Aroni si we wenyine Yehova yababariye, ahubwo hari n'abandi bantu yababariye.

Abisirayeli bamaze gusenga iyo nyana ya zahabu, Yehova yagize Aroni umutambyi mukururu. Imana yabwiye Mose iti 'wambike Aroni ya myambaro yejeje, umusige, umwereze kugira ngo ankorere umurimo w'ubutambyi' (Kuva 40:12, 13). Biragaragara ko Yehova yababariye Aroni ku bw'intege nke yagize. Umutima wa Aroni wari ushyigikiye ugusenga k'ukuri; ntiwari ushyigikiye gahunda yo gusenga ibigirwamana.



# Komeza gutoza ubushobozi bwawe bwo kwiyumvisha ibintu

**M**BEGA ukuntu bishimisha kwitegereza umukinnyi w'imikino ngororangingo akina abigiranye ubuhanga! Bibiliya itera Abakristo inkunga yo gutoza ubushobozi bwabo bwo kwiyumvisha ibintu, nk'uko umukinnyi w'imikino ngororangingo atoza umubiri we.

Mu rwandiko intumwa Pawulo yandikiye Abaheburayo, yarababwiye ati 'ibyokurya bikomeye ni iby'abakuze mu buryo bw'umwuka, bafite ubushobozi bwo kwiyumvisha ibintu bwatojwe [nk'uko umukinnyi w'imikino ngororangingo atoza ingingo ze] gutandukanya icyiza n'ikibi, binyuze mu kubukoresha' (Heb 5:14). Kuki Pawulo yagiriye Abakristo b'Abahaburayo inama yo gukoresha ubushobozi bwo gutekereza, nk'uko umukinnyi w'imikino ngororangingo akora imyitotozo yo gukomeza imikaya ye? Ni gute twatoza ubushobozi bwacu bwo kwiyumvisha ibintu?

## **"Mwari mukwiriye kuba abigisha"**

Igihe Pawulo yasobanuraga umwanya wa Yesu wo kuba "umutambyi mukuru mu buryo bwa Melikisedeki," yaranditse ati "dufite byinshi twamuvugaho kandi bigoye gusobanura, kuko mutinda kumva. Kuko mu by'ukuri, nubwo mwari mukwiriye kuba abigisha urebye igihe gishize, nanone mukeneye umuntu wo kubigisha ibintu by'ibanze by'amagambo yera y'Imana, uherye ku ntangiriro; kandi mwabaye nk'abakeneye amata aho gukeneye ibyokurya bikomeye." —Heb 5:10-12.

Uko byumvikana, bamwe mu Bakristo b'Abayahudi bo mu kinyejana cya mbere ntibari basobanukiwe neza inyigisho, maze bituma badatera imbere mu buryo bw'umwuka. Urugero, kwemera ibisobanuro bishya ku birebana n'Amategeko ya Mose no gukebwa, byarabagoraga (Ibyak 15:1, 2, 27-29; Gal 2:11-14; 6:12, 13). Kureka imigenzo

yari ifitanye isano n'Isabato ya buri cyumwe-ru, ndetse n'Umunsi w'Impungano wabaga buri mwaka, hari abo byagoye (Kolo 2:16, 17; Heb 9:1-14). Ku bw'ibyo, Pawulo yabateye inkunga yo gutoza ubushobozi bwabo bwo kwiyumvisha ibintu, bakamenya gutandukanya icyiza n'ikibi, maze abagira inama yo 'guhatanira gukura mu buryo bw'umwuka' (Heb 6:1, 2). Inama ye ishobora kuba yaratumye bamwe basuzuma uko bakoreshaga ubushobozi bwabo bwo gutekereza, kandi bishobora kuba byarabafashije gutera imbere mu buryo bw'umwuka. Byifashe bite se kuri twe?

## **Jya utoza ubushobozi bwawe bwo kwiyumvisha ibintu**

Ni gute twatoza ubushobozi bwacu bwo gutekereza kugira ngo bitume dukura mu buryo bw'umwuka? Pawulo yavuze ko twabutoza "binyuze mu kubukoresha." Kimwe n'abakinnyi b'imikino ngororangingo bakora imyitotozo ikomeza imikaya n'umubiri kugira ngo bizabafashe kuba abahanga muri icyo mikino, natwe twagombye gutoza ubushobozi bwacu bwo gutekereza tukamenya gutandukanya icyiza n'ikibi.

Uwitwa John Ratey, akaba ari umwarimu wigi- sha ibirebana n'indwara zo mu mutwe muri Kaminuza y'i Harvard yaravuze ati "gutoza ubwenge ni cyo kintu cyonyine cyiza cyane ushobora gukorera ubwonko." Uwitwa Gene Cohen, umu-yobozi w'ikigo cyiga ibirebana n'imisazire y'abantu, ubuzima n'imyifatire ndetse n'ibitekerezo byabo muri Kaminuza yitwa George Washington, yaravuze ati "iyi dukoresheje ubwonko bwacu cyane, ingirabuzimafatizo z'ubwonko zikora uturandaryi dushya, bigatuma impuzamya-kura ziyongera."

Ku bw'ibyo, tugirwa inama yo gutoza ubushobozi bwacu bwo gutekereza, no kongera ubume-

nyi bw'Ijambo ry'Imana. Nitubigenza dutyo, tubaza dufite ibikenewe byose kugira ngo dukore 'ibyo Imana ishaka, bitunganye.'—Rom 12:1, 2.

### Mwifuze “ibyokurya bikomeye”


Niba twifuza 'guhatanira gukura mu buryo bw'umwuka,' tugomba kwibaza tuti “ese ngenda ndushaho gusobanukirwa ukuri kwa Bibiliya? Ese abandi babona ko nkuze mu buryo bw'umwuka?” Iyo umwana akiri muto, umubyeyi ashimishwa no kumuha amata n'ibyokurya bigenewe abana. Tekereza ukuntu yahangayika hashize imyaka myinshi ariko uwo mwana akananirwa kurya ibyokurya bikomeye! Mu buryo nk'ubwo, twishimira kubona umuntu twigana Bibiliya agira amajyambere, akageza ubwo yitanga akanabatizwa. Byagenda bite se nyuma yaho, uwo muntu ananiwe kugira amajyambere yo mu buryo bw'umwuka? Ese ibyo ntibyaguca intege (1 Kor 3:1-4)? Umwigisha aba yifuza ko umwigishwa azageraho na we akaba umwigisha.

Gukoresha ubushobozi bwacu bwo kwiyumvisha ibintu, bisaba gufata akanya ko kubitekereraho, kandi ibyo bisaba ko dushyiraho imihati (Zab 1:1-3). Hari ibintu bidasaba gukoresha ubwenge cyane, urugero nko kureba televiziyo cyangwa gukora ibindi bintu twirangaza. Ntitugomba kwemera ko ibyo birangaza bitubuzaga gutekereza ku bintu by'ingenzi. Kugira ngo dutoze ubushobozi bwacu bwo kwiyumvisha ibintu, ni ngombwa ko twongera icyifuzo dufite cyo kwiga Ijambo ry'Imana n'ibitabo bitangwa n'umugaru wizerwa kandi w'umunyabwenge' (Mat 24:45-47). Usibye kuba umuntu agomba kugira gahunda ihoraho yo gusoma Bibiliya, ni iby'ingenzi ko tunashyiraho igihe cy'Icyigisho cy'Umu-ryango n'icyo kwiyigisha ingingo zishingiye kuri Bibiliya mu buryo bwimbitse.

Umugenzi usura amatorero muri Megizike witwa Jerónimo, yavuze ko yiga buri gazeti y'Umunara w'Umurinzi ikimara gusohoka. Nanone kandi, yashyizeho igihe cyo kwigira hamwe n'umugore we. Jerónimo yaravuze ati “dufite gahunda yo gusomera hamwe Bibiliya buri muni, kandi dukoresha agatabo 'Iguhugu Cyiza.'” Umukristo witwa Ronald avuga ko akurikiza gahunda yo mu itorero yo gusoma Bibiliya. Nanone ateganyika ikintu kimwe cyangwa bibiri aziga mu gihe

runaka yagennye. Yaravuze ati “ibyo bintu bituma ntegerezanya amatsiko igihe nzongera kwiyigishiriza.”

Byifashe bite se kuri twe? Ese tumara igihe gi-hagije twiyigisha Ijambo ry'Imana kandi tukari-tekerezaho? Ese twatangiyeye gutoya ubushobozi bwacu bwo kwiyumvisha ibintu, ku buryo byatumye tugira ubushobozi bwo gufata imyanzuro dukurikije amahame yo mu Byanditswe (Imig 2:1-7)? Nimucyo twishyirireho intego yo kuba abantu bakuze mu buryo bw'umwuka, tubiheshejwe no kugira ubumenyi n'ubwenge by'abantu bafite ubushobozi bwo kwiyumvisha ibintu bwatojwe gutandukanya icyiza n'ikibi!



*Dutoza  
ubushobozi  
bwacu bwo  
gutekereza  
“binyuze mu  
kubukoresha”*

# BAVANDIMWE, MUBIBIRE UMWUKA KANDI MWIFUZE INSHINGANO

*“Ubibira umwuka, muri uwo mwuka azasaruramo  
ubuzima bw’iteka.”—GAL 6:8.*

**H**ARI ibintu bibaho muri iki gihe wibonera n’amaso yawe bitazigera byibagirana mu mateka! Umurimo twategetswe na Yesu Kristo urakorwa mu buryo bugaragara kandi bwihuse. Yesu yaravuze ati “ibisarurwa ni byinshi, ariko abakozi ni bake. Nuko rero, mwingingye Nyir’ibisarurwa yohereze abakozi mu bisarurwa bye” (Mat 9:37, 38). Muri iki gihe, Yehova Imana asubiza amasengesho nk’ayo kuruta mbere hose. Mu mwaka w’umurimo wa 2009, umubare w’amatorero y’Abahamya ba Yehova wiyongereyeho amatorero 2.031 ugera ku matorero 105.298. Ugereranyije, buri munsu habatizwaga abantu 757!

<sup>2</sup> Kuba hari ukwiyongera kungana gutyo, bituma mu itorerero hakenerwa abavandimwe babishoboye bafata iya mbere mu kwigisha no kuragira umukumbi (Efe 4:11). Mu myaka ibarirwa muri za mironko ishize, Yehova yagiye akoresha abagabo babishoboye kugira ngo bite ku byo umukumbi ukeneye, kandi turiringira ko azakomeza kubigenza atyo. Ubuhanuzi buboneka muri Mika 5:4 butwizeza ko mu minsi y’imperuka, ubwoko bwa Yehova bwari kuzagira “abungeri barindwi n’ibikomangoma munani,” abo bakaba bagereranya abagabo benshi bujuje ibisabwa bari guhabwa izo nshingano.

<sup>3</sup> Niba uri umuvandimwe wabatijwe, ni iki cyagufasha kwifuza inshingano mu itorerero? Ikintu cy’ingenzi cyagufasha kubigeraho ni ‘ukubibira umwuka’ (Gal 6:8). Ibyo bikubiyeye-

1, 2. Kuba ibivugwa muri Matayo 9:37, 38 bigenda bisohora, bituma mu matorero hakenerwa iki?

3. ‘Kubibira umwuka’ bisobanura iki?

mo kwemera ko umwuka wera ugira uruhare mu mibereho yawe. Iyemeze kutazigera “ubibira umubiri.” Ujye wirinda ko imyidagaduro, ibirangaza cyangwa kwiberaho mu iraha, bikubuza kwitanga mu murimo w’Imana. Abakristo bose bagombye ‘kubibira umwuka,’ kandi mu gihe runaka, abagabo babigenza batyo bashobora kuzura ibisabwa bakabona inshingano mu itorerero. Kubera ko muri iki gihe hakene- we abakozi b’itorero n’abasaza benshi, iki gice kirareba cyane cyane Abakristo b’abagabo. Ku bw’ibyo rero bavandimwe, turabatera inkunga yo kwita cyane kuri iki gice.

## Mwifuze umurimo mwiza

<sup>4</sup> Kugira ngo umuvandimwe abone inshingano y’ubugenzuzi agomba gushyiraho imihati. Agomba kwifuza uwo ‘murimo mwiza’ (1 Tim 3:1). Ibyo bikubiyemo kwita abikuye ku mutima ku byo bagenzi be bahuje ukwizera baba bakeneye. (*Soma muri Yesaya 32:1, 2.*) Umugabo wifuza inshingano mu buryo bwiza ntabwo aba ari umwibone, ahubwo aba afite icyifuzo kizira ubwikunde cyo gufasha abandi.

<sup>5</sup> Umuntu wifuza kuba umukozi w’itorero cyangwa umugenzuzi, aba agomba kuzura ibisabwa n’Ibyanditswe (1 Tim 3:1-10, 12, 13; Tito 1:5-9). Niba uri umuvandimwe wabatijwe, ibaze uti “ese nifatanya mu murimo wo kubwiriza mu buryo bwuzuye, kandi ngatera abandi inkunga yo kubigenza batyo? Ese ntera inkunga abo duhuje ukwizera binyuze mu kubita-

4, 5. (a) Abavandimwe wabatijwe baterwa inkunga yo kwifuza guhabwa izihe nshingano mu itorerero? (b) Ni gute umuntu yagaragaza ko azifuza?



ho mbikuye ku mutima? Ese nzwiho kuba ni-yigisha neza Ijambo ry’Imana? Ese nonosora ibisubizo ntanga mu materaniro? Ese nsohoza neza inshingano nahawe n’abasaza” (2 Tim 4:5)? Ni byiza gutekereza witonze kuri ibyo bi-bazo.

<sup>6</sup> Ubundi buryo bwo kuzuzwa ibisabwa kugira ngo uhabwe inshingano mu itorero, ni ‘ugukomeza umuntu wawe w’imbere binyuze ku mbaraga z’umwuka [w’Imana]’ (Efe 3:16). Abakozi b’itorero cyangwa abasaza mu itorero rya gikristo, ntibatorwa. Ahubwo umuntu ashirwaho bitewe n’amajyambere ye yo mu buryo bw’umwuka. Ni gute umuntu yagira amajyambere yo mu buryo bw’umwuka? Uburyo bumwe bwo kubigeraho ni ‘ugukomeza kuyoborwa n’umwuka’ no kwitoza kwera imbuto zawo (Gal 5:16, 22, 23). Nugaragaza ko ufite imico ya ngombwa kugira ngo usohoze inshingano, kandi ugakurikiza inama bakugira, ‘amajyambere yawe azagaragarira bose.’ —1 Tim 4:15.

#### Umwuka wo kwigomwa ni ngombwa

<sup>7</sup> Gukorera abandi bisaba gukora cyane kandi bigasaba no kugira umwuka wo kwigomwa. Kubera ko abagenzuzi b’Abakristo bagereranywa n’abashumba baragira intama, ibibazo byose by’umukumbi biba bibareba. Tekereza ukuntu intumwa Pawulo yari ahangayikishijwe n’inshingano yo kuragira umukumbi. Yabwiye bagenzi be b’i Korinto bari bahuje ukwizera ati “nabandikiye ndi mu makuba menshi, mfite n’ishavu mu mutima kandi ndira amarira menshi, ntagamije kubatera umubabaro, ahubwo ari ukugira ngo mumenye urukundo rwinshi mbafitiye” (2 Kor 2:4). Biragaragara rero ko Pawulo yakoraga uwo murimo awushyizeho umutima.

<sup>8</sup> Umwuka wo kwigomwa ni wo wagiye uranga abagaragu ba Yehova. Urugero, bishobora kutugora gutekereza ko Nowa yaba yarabwiye

6. Umuntu yakora iki kugira ngo yuzuzwe ibisabwa abantu bifuzwa inshingano mu itorero?

7. Gukorera abandi bikubiyemo iki?

8, 9. Tanga ingero zo muri Bibiliya z’abagabo bagiyeye bita ku byo abandi babaga bakeneye.



*Ni iki wakora kugira ngo uzabone inshingano?*



abari bagize umuryango we ati ‘nimurangiza kubaka inkuge, muzambwire nze.’ Mose ntiyabwiye Abisirayeli ati ‘nimugende, turahurira ku Nyanja Itukura. Ngaho nimwishakire inzira nziza yabagezayo.’ Yosua ntiyigeze avuga ati ‘reka ntegereze igihe inkuta z’i Yeriko ziri buridukire.’ Yesaya na we, ntiyigeze avuga yerekeza ku wundi muntu agira ati ‘nguriya; ba ari we utuma!’—Yes 6:8.

<sup>9</sup> Urugero rwiza cyane dukwiriye kwigana ku bihereranye no kwemera kuyoborwa n’umwuka w’Imana, ni urwa Yesu Kristo. Yemeye inshingano yahawe yo gucungura abantu abikuye ku mutima (Yoh 3:16). Ese urukundo ruzira ubwikunde Yesu yadukunze ntirwagombye gutuma tugira icyo dukora? Igihe umusaza wari umaze igihe kuri iyo nshingano yavugaga ibihereranye no kuragira umukumbi, yaravuze ati “amagambo Yesu yabwiye Petero amusaba ko yaragira intama ze, atuma ngira icyo nkora. Nyuma y’igihe, naje gushimishwa n’ukuntu amagambo make arangwa n’urukundo cyangwa igikorwa gito ushobora gukorera umuntu, bishobora kumutera inkunga. Kuragira umukumbi ndabikunda cyane.”—Yoh 21:16.

<sup>10</sup> Ku birebana n’umukumbi w’Imana, nta gushidikanya ko abagabo biyeguriye Yehova bo mu itorero bakwiriye kugira imitekerereze nk’iya Yesu, we wavuze ati “nzabaruhura” (Mat 11:28). Kwizera Imana no gukunda abagize itorero, bituma abagabo b’Abakristo bifuzwa uwo murimo mwiza. Ntibumva ko uwo murimo uruhije cyane cyangwa ubasaba kwigomwa ibintu byinshi. Byagenda bite se hari uwumva adashishikajwe no guhabwa inshingano? Ese umuvandimwe ashobora kugira icyo akora kugira ngo arusheho kwifuzwa gukorera itorero?

### **Jya ugira icyifuzo cyo gukorera abandi**

<sup>11</sup> Niba gutekereza ko udashoboye ari byo bituma utifuzwa inshingano, ukwiriye gusenga usaba umwuka wera (Luka 11:13). Umwuka wa

10. Ni iki cyatuma abavandimwe bigana Yesu mu birebana no gukorera abandi?

11. Ni iki umuntu yakora kugira ngo arusheho kugira icyifuzo cyo gukorera abandi?

Yehova uzagufasha gutsinda imbogamizi iyo ari yo yose waba ufite. Kwifuzwa cyane gukorera abandi ni impano twahawe n’Imana. Ku bw’ibyo, umwuka wa Yehova ni wo utuma umuvandimwe yifuzwa inshingano kandi ukamuha imbaraga zo gukora uwo murimo wera (Fili 2:13; 4:13). Bityo rero, birakwiriye ko dusaba Yehova akadufasha kugira icyifuzo cyo kwemera inshingano.—*Soma muri Zaburi 25:4, 5.*

<sup>12</sup> Umukristo ashobora kwanga inshingano kubera ko yumva ko kwita ku mukumbi bisa n’aho biruhije, cyangwa ko byamusaba gukora ibintu byinshi. Ashobora no kumva ko adafite ubwenge bukenewe kugira ngo asohoze inshingano. icyakora niba ari uko bimeze, ashobora kugira ubwo bwenge binyuze mu kurushaho kwiyigisha neza Ijambo ry’Imana n’ibitabo by’imfashanyigisho zaryo. Ashobora kwibaza ati “ese nagenye igihe cyo kwiyigisha Ijambo ry’Imana, kandi se njya nsenga nsaba ubwenge?” Umwigishwa Yakobo yaranditse ati ‘niba muri mwe hari ubuze ubwenge, nakomeze asabe Imana kuko iha bose ititangiriye itama, itongeyeho incyuro; kandi azabuhabwa’ (Yak 1:5). Ese wemera iyo nama yahumetswe? Imana yashubije isengesho rya Salomo imuha “umutima w’ubwenge ujijutse,” wamufashije gutandukanya icyiza n’ikibi igihe yacaga imanza (1 Abami 3:7-14). Yego kuri Salomo byo byari byihariye, ariko dushobora kwizera ko Imana izaha ubwenge abagabo bahabwa inshingano mu itorero, kugira ngo bashobore kwita ku mukumbi neza.—Imig 2:6.

<sup>13</sup> Ikindi kintu gishobora gufasha umuntu kurushaho kugira icyifuzo cyo gukorera abandi, ni ugutekerezwa yitonze ku byo Yehova n’Umwana we badukoreye. Urugero, reka dusuzume ibivugwa mu 2 Abakorinto 5:14, 15. (*Hasome.*) Ni gute “urukundo Kristo afite ruduhata?” Urukundo Kristo yatugaragarije igihe yadupfiraga kugira ngo akore ibyo Imana isha-

12. Ni gute umuntu yabona ubwenge bwamufasha gu-sohoza inshingano yahawe mu itorero?

13, 14. (a) Sobanura ukuntu Pawulo yagize icyo akora abitewe n’ ‘urukundo rwa Kristo.’ (b) Ni gute ‘urukundo rwa Kristo’ rutuma tugira icyo dukora?

ka, ni rwinshi cyane ku buryo rutuma twumva dukwiriye kumushimira, kandi rugatuma twumva hari icyo tugomba gukora. Pawulo yagize icyo akora abitewe n'urukundo rwa Kristo. Rwatumye yigomwa, kandi rumufasha kwishyiriraho intego yo gukorera Imana na bagenzi be, baba abo mu itorero cyangwa abo hazze yaryo.

<sup>14</sup> Gutekereza cyane ku rukundo Kristo yakunze abantu, bituma twumva tugomba kugira icyo dukora kugira ngo tumushimire. Ibyo bituma tubona ko bidahuje n'ubwenge rwose gukomeza 'kubibira umubiri,' binyuriye mu kugira intego zishingiye ku bwikunde no kubaho tugamije kwinezeza gusa. Ibinyuranye n'ibyo, tugira ibyo duhindura mu mibereho yacu kugira ngo dushyire mu mwanya wa mbere umurimo dukorera Imana. Ibyo bituma twumva dushaka 'gukorera' abavandimwe bacu tubitewe n'urukundo. (*Soma mu Bagalatiya 5: 13.*) Nitubona ko turi abakozi bakorera abagaragu ba Yehova bamwiyeguriye twicishije bugufi, bizatuma tububaha cyane. Uko bigaragara, ntituzigera twigana umuco mubi uranga Satani wo kunenga abagaragu ba Yehova no kubacira urubanza.—Ibyah 12:10.

### **Uruhare rw'abagize umuryango**

<sup>15</sup> Niba umuvandimwe yarashatse akaba afite abana, mu gihe hasuzumwa niba yujuje ibisabwa kugira ngo abe umukozi w'itorero cyangwa umusaza, ni ngombwa kwita ku mimerere y'abagize umuryango we. Koko rero, uko we n'abagize umuryango we bameze mu buryo bw'umwuka, ndetse n'uko abandi bababona, bizagira uruhare mu guhabwa inshingano. Ibyo bigaragaza uruhare umuryango ugira mu gushyigikira umutware w'umuryango, mu gihe yifuza guteza imbere inyungu z'itorero ari umukozi w'itorero cyangwa umusaza.—*Soma muri 1 Timoteyo 3:4, 5, 12.*

<sup>16</sup> Iyo Abakristo bagize umuryango bashyize hamwe, bishimisha Yehova (Efe 3:14, 15). Bira-

15, 16. Ni uruhe ruhare abagize umuryango bagira mu gutuma umugabo yuzuzwa ibisabwa kugira ngo abe umukozi w'itorero cyangwa umusaza?

kwiriye ko umutware w'umuryango ashyira ibintu kuri gahunda kugira ngo ashobore gusohoza inshingano z'itorero, kandi 'ayobore neza' abagize umuryango we. Ku bw'ibyo rero, birakwiriye ko umusaza cyangwa umukozi w'itorero yigira hamwe Bibiliya n'umugore we hamwe n'abana be, kugira ngo bose bungukirwe n'icyigisho cy'umuryango kiba buri cyumwe. Nanone, yagombye kwifatanya n'abagize umuryango we mu murimo wo kubwiriza buri gihe. Kubera izo mpamvu zose, ni iby'ingenzi ko abagize umuryango bashyigikira umutware w'umuryango mu mihati yose ashahiraho.

### **Mbese wakongera gusubirana inshingano?**

<sup>17</sup> Birashoboka ko wigeze kuba umusaza cyangwa umukozi w'itorero, ariko ubu akaba atari ko bimeze. Ukunda Yehova, kandi wemera udashidikanya ko akomeza kukwitaho (1 Pet 5: 6, 7). Ese hari ibintu wasabwe kunonosora? Emera ikosa ryawe kandi urikosore ubifashijwemo n'Imana. Jya wirinda kuba umurakare. Jya ugira ubwenge kandi urangwe n'icyizere. Umusaza wamaze igihe akora uwo murimo ariko waje gutakaza iyo nshingano yaravuze ati "nari nariyemeje gukomeza kujya mu materaniro, kubwiriza, gusoma Bibiliya nk'uko nari narabyiyemeje igihe nari nkiri umusaza

17, 18. (a) Niba umuvandimwe atagifite inshingano, ni iki kiba gikenewe? (b) Ni iyihe myumvire umuvandimwe wigeze kuba umusaza cyangwa umukozi w'itorero yagombye kugira?

### **Ni gute wasubiza?**

- Ubuhanuzi buvugwa muri Mika 5:4, butwizeza iki?
- Kwigomwa bikubiyemo iki?
- Ni gute umuntu yarushaho kugira icyifuzo cyo gukorera abandi?
- Kuki ari iby'ingenzi ko abagize umuryango bafasha umutware w'umuryango wifuza kuzuzwa ibisabwa kugira ngo abe umukozi w'itorero cyangwa umusaza?

w'itorero, kandi iyo ntego nayigezeho. Byansabye kwihangana kubera ko numvaga ko nyuma y'umwaka cyangwa ibiri nari kuba maze gusubira ku nshingano, ariko byantwaye hafi imyaka irindwi kugira ngo nongere kuba umusaza. Muri icyo gihe, naterwaga inkunga no kumenya ko ntakwiriye gucika intege, ahubwo ko ngomba gukomeza kwifuza inshingano.”

<sup>18</sup> Niba nawe uri umuvandimwe uri mu mimerere nk'iyi, ntucike intege. Tekereza ukuntu Yehova aguha imigisha mu murimo wo kubwiriza, ndetse no mu muryango wawe. Komeza gutera inkunga zo mu buryo bw'umwuka umuryango wawe, usure abarwayi kandi ukomeze abacitse intege. Ikiruta byose, ujye uha agaciro igikundiho ufite cyo gusingiza Imana no kubwiriza ubutumwa bwiza uri umwe mu Bahamya ba Yehova.\*—Zab 145:1, 2; Yes 43:10-12.

\* Reba *Umunara w'Umurinzi* wo ku itariki ya 15 Kanama 2009, ku ipaji ya 30-32.

### Ongera wisuzume

<sup>19</sup> Muri iki gihe, mu itorero hakenewe cyane abagenzuzi n'abakozi b'itorero kuruta mbere hose. Ku bw'ibyo rero, turatera inkunga abavandimwe bose babatijwe kongera kwisuzuma maze bakibaza bati “niba ntari umukozi w'itorero cyangwa umusaza, biterwa n'iki?” Jya ureka umwuka wera ugufashe kubona icyo kibazo cy'ingenzi cyane mu buryo bwiza.

<sup>20</sup> Abagize itorero bose bungukirwa n'imihati izira ubwikunde ya bagenzi babo bahuje ukwizera. Iyo dushohoje inshingano dufite tubigiranye ubugwaneza n'urukundo ruzira ubwikunde, tubona ibyishimo biterwa no gukorera abandi hamwe no kubibira umwuka. icyakora nk'uko igice gikurikira kibigaragaza, ntitugomba gutera agahinda umwuka wera w'Imana. Ibyo twabyirinda dute?

19, 20. (a) Abavandimwe bose babatijwe baterwa inkunga yo gukora iki? (b) Ni iki tuzasuzuma mu gice gikurikira?

# NTIMUGATERE AGAHINDA UMWUKA WERA WA YEHOVA

*“Ntimugatere agahinda umwuka wera w'Imana, ari na wo wakoreshejwe mu kubashyiraho ikimenyetso.”—EFE 4:30.*

**Y**EHOVA yakoreye ikintu cyihariye abantu babarirwa muri za miriyoni bariho muri iyi si ivurunganye. Yatumye bashobora kumwegera binyuze ku Mwana we w'ikinege, ari we Yesu Kristo (Yoh 6:44). Niba wariyeguriye Imana kandi ukaba ubaho mu buryo buhuje n'uko wayiyeguriye, uri umwe muri abo bantu. Kubera ko wabatijwe mu izina ry'umwuka

1. Ni iki Yehova yakoreye abantu babarirwa muri za miriyoni, kandi se ni iki bagomba gukora?

ka wera, ugomba kwitwara mu buryo buhuje n'uko uwo mwuka ushaka.—Mat 28:19.

<sup>2</sup> Twebwe 'ababibira umwuka,' twambaye umuntu mushya (Gal 6:8; Efe 4:17-24). icyakora, intumwa Pawulo aduha inama n'umuburo byo kwirinda gutera agahinda umwuka wera w'Imana. (*Soma mu Befeso 4:25-32.*) Reka noneho dusuzume inama y'iyi ntu-

2. Ni ibihe bibazo turi busuzume?

yavugaga ibyo gutera agahinda umwuka w'Imana? Ni gute umuntu wiyeguriye Imana yatera agahinda umwuka wa Yehova, kandi se ni gute twakwirinda kuwubabaza?

### Icyo Pawulo yashakaga kuvuga

<sup>3</sup> Mbere na mbere, zirikana amagambo ya Pawulo aboneka mu Befeso 4:30. Yaranditse ati “ntimugatere agahinda umwuka wera w'Imana, ari na wo wakoreshejwe mu kubashyiraho ikimenyetso ku bw'umunsi wo gucungurwa, bishingiye ku ncungu.” Pawulo ntiyashakaga ko bagenzi be yakundaga bari bahuje ukwizera, batakaza imishyikirano bari bafitanye n'Imana. Bari 'barashyizweho ikimenyetso ku bw'umunsi wo gucungurwa, bishingiye ku ncungu.' Umwuka w'Imana uracyakomeje kuba ikimenyetso cyangwa 'gihamya y'ibigomba kuzagera' ku Bakristo basutsweho umwuka, bakomeza kuba indahemuka (2 Kor 1:22). Icyo kimenyetso gisobanura ko Abakristo basutsweho umwuka ari umutungo w'Imana, kandi ko bazaba mu ijuru. Amaherezo, abashyirwaho ikimenyetso bazagera ku 144.000.—Ibyah 7:2-4.

<sup>4</sup> Gutera agahinda umwuka wera bishobora kuba intambwe ya mbere yatuma Umukristo atayoborwa n'imbaraga z'Imana. Ibyo Dawidi yavuze amaze gukorana icyaha na Batisheba, bigaragaza ko ibyo bishoboka. Dawidi yaricujije, maze yinginga Yehova agira ati “ntunte kure yo mu maso yawe, ntunkureho Umwuka wawe wera” (Zab 51:13). Abakristo basutsweho umwuka bakomeza 'kuba abizerwa kugeza ku gupfa,' ni bo gusa bazahabwa “ikamba” ry'ubuzima budapfa mu ijuru (Ibyah 2:10; 1 Kor 15:53). Abakristo bafite ibyiringiro byo kuzaba ku isi, na bo bakeneye umwuka wera niba bashaka gukomeza kubera Imana indahemuka, maze bakazahabwa impano y'ubuzima bw'iteka binyuriye mu kwizera igitambo cy'incungu cya Kristo (Yoh 3:36; Rom 5:8; 6:23). Ku bw'ibyo rero, twese tugo-

3. Wasobanura ute amagambo aboneka mu Befeso 4:30?

4. Kuki ari iby'ingenzi ko twirinda gutera agahinda umwuka wera?

mba kwirinda gutera agahinda umwuka wera.

### Ni gute Umukristo ashobora gutera agahinda umwuka wera?

<sup>5</sup> Kubera ko turi Abakristo biyeguriye Imana, dushobora kwirinda gutera agahinda umwuka wera. Ibyo byashoboka turamutse 'dukomeje kuyoborwa n'umwuka, [kandi] tukabeshwaho na wo,' kuko ari bwo tutazane-shwa n'irari ry'umubiri kandi ngo dukore ibibi (Gal 5:16, 25, 26). Ariko ibyo bishobora guhinduka. Turamutse dutangiye gute-mbanwa buhoro buhoro, wenda tutanabizi, tukagera n'ubwo tugira imyifatire icirwaho iteka n'Ijambo ry'Imana ryahumetswe, dushobora gutera agahinda umwuka w'Imana.

<sup>6</sup> Nanone kandi, dukomeje gukora ibintu bitandukanye n'ubuyobozi bw'umwuka wera, byatuma twutera agahinda, ari byo kubabaza Yehova, kuko ari we uwutanga. Gusuzuma ibivugwa mu Befeso 4:25-32 biradufasha kumenya uko twagombye kwitwara, kandi bishobora kudufasha kwirinda gutera agahinda umwuka w'Imana.

### Uko twakwirinda gutera agahinda umwuka wera

<sup>7</sup> *Tugomba kuvugisha ukuri.* Mu Befeso 4:25, Pawulo yaranditse ati “ni yo mpamvu ubwo mwamaze kwiyambura ikinyoma, umuntu wese muri mwe akwiriye kuvugana ukuri na mugenzi we, kuko turi ingingo za bagenzi bacu.” Kubera ko twahurijwe hamwe nk'“ingingo za bagenzi bacu,” mu by'ukuri ntitwagombye kubeshya bagenzi bacu duhuje ukwizera tubigambiriye. Umuntu ukomeza kubeshya, amaherezo ashobora kwitandukanya n'Imana.—*Soma mu Migani 6:16-19.*

<sup>8</sup> Kubeshya cyangwa kuriganya bishobora gutuma itorero ryicamo ibice. Ku bw'ibyo, twagombye kumera nk'umuhanuzi Daniyeli wari uwiringirwa, kandi ntabonekeho igicumuro (Dan 6:5). Ikindi kandi, twagombye kuzirikana inama Pawulo yahaye Abakristo

5, 6. Ni gute Umukristo ashobora gutera agahinda umwuka wa Yehova?

7, 8. Sobanura impamvu tugomba kuvugisha ukuri.

bafite ibyiringiro byo kujya mu ijuru, ivuga ko buri wese ari urugingo rw’ “umubiri wa Kristo.” Urwo rugingo ruba ruhujwe n’izindi ngingo z’abavandimwe, kandi ruba rugomba gukomeza kunga ubumwe n’abandi bavandimwe ba Yesu bizerwa basutsweho umwuka (Efe 4:11, 12). Niba twifuza kuzabaho iteka ku isi izahinduka paradizo, natwe tugomba kuvugisha ukuri, bityo tukagira uruhare mu kunga ubumwe bw’abavandimwe ku isi hose.

<sup>9</sup> *Tugomba kurwanya Satani, ntitwemere ko atwangiza mu buryo bw’umwuka* (Yak 4:7). Umwuka wera udufasha kurwanya Satani. Urugero, dushobora kurwanya Satani twirinda kugira umujinya utagira rutangira. Pawulo yaranditse ati “nimurakara, ntimugakore icyaha; izuba ntirikarenge mukirakaye, kandi ntimugahe Satani urwaho” (Efe 4:26, 27). Niba hari impamvu zumvikana zitumye turakara, guhita dusenga bucece bishobora kudufasha ‘gutuza,’ kandi bigatuma twifata aho gukora ikintu cyatuma dutera agahinda

9. Kuki ari ngombwa ko dukurikiza ibivugwa mu Befeso 4:26, 27?



*Jya uhita uhosha amakimbirane*

umwuka wera (Imig 17:27, NW). Ku bw’ibyo, nimucyo tuje twirinda gukomeza kurakara, kugira ngo tudaha Satani urwaho rwo kudukoresha ibibi (Zab 37:8, 9). Bumwe mu buryo bwadufasha kurwanya Satani, ni uguhita duhosha amakimbirane dukurikije inama yatanze na Yesu.—Mat 5:23, 24; 18:15-17.

<sup>10</sup> *Ntitugomba kugwa mu bishuko byo kwiba cyangwa guhemuka mu bundi buryo.* Pawulo yanditse ibirebana n’ubujura agira ati “umujura ntakongere kwiba, ahubwo akorane umwete akoreshe amaboko ye umurimo mwiza, kugira ngo abone icyo aha abafite icyo bakennye” (Efe 4:28). Umukristo wabatijwe aramutse yibye, mu by’ukuri yaba ‘agayishije izina ry’Imana,’ agatuma rivugwa nabi (Imig 30:7-9). Kabone niyo umuntu yaba akennye, ntibisobanura ko agomba kwiba. Abantu bakunda Imana na bagenzi babo bazi neza ko nta gihe kwiba biba byemewe.—Mar 12:28-31.

<sup>11</sup> Pawulo ntiyavuze icyo twagombye kwirinda gukora gusa, ahubwo yanavuze icyo twakora. Niba tubaho kandi tukagenda tuyobowe n’umwuka wera, tuzashyiraho imihati kugira ngo twite ku miryango yacu kandi ‘tugire n’ibyo duha abafite icyo bakennye’ (1 Tim

5:8). Yesu n’intumwa ze bazigamaga amafaranga yo gufashisha abakene, ariko Yuda Isikariyota waje kuba umugambanyi, we yarayibaga (Yoh 12:4-6). Mu by’ukuri, Yuda ntiyayoborwaga n’umwuka wera. Nk’uko byari bimeze kuri Pawulo, twebw abayoborwa n’umwuka w’Imana tugomba “kuba inyanga mugayo muri byose” (Heb 13:18). Ku bw’ibyo, tugomba kwirinda gutera agahinda umwuka wera wa Yehova.

10, 11. Kuki tutagomba kwiba cyangwa gukora ikindi kintu cyose cy’ubuhemu?

## Ubundi buryo bwo kwirinda gutera agahinda umwuka wera

<sup>12</sup> *Tugomba kwirinda mu byo tuvuga.* Pawulo yaravuze ati “ijambo ryose riboze ntirigaturuke mu kanwa kanyu, ahubwo mujye muvuga ijambo ryose ryiza ryo kubaka abandi mu gihe bikenewe, kugira ngo abaryumvise ribahe ikintu cyiza” (Efe 4:29). Nanone, iyo ntumwa itubwira icyo twagombye kwirinda gukora n’icyo dukwiriye gukora. Ni tuyoborwa n’umwuka w’Imana, bizatuma ‘tuvuga ijambo ryose ryiza ryo kubaka abandi mu gihe bikenewe, kugira ngo abaryumvise ribahe ikintu cyiza.’ Byongeye kandi, ntitwagombye kureka ngo ‘ijambo riboze’ rive mu kanwa kacu. Ijambo ry’Ikigiriki ryahinduwemo “riboze” ryagiye rikoreshwa ryerekeza ku rubuto rwaboze, ku ifi yaboze cyangwa ku nyama zaboze. Nk’uko twirinda ibyokurya nk’ibyoyi, ni na ko twirinda amagambo Yehova abona ko ari mabi.

<sup>13</sup> Amagambo yacu yagombye kuba meza, arangwa n’ubugwaneza kandi “asize umunyu” (Kolo 3:8-10; 4:6). Abantu bagombye kubona ko dutandukanye n’abandi mu gihe bumva ibyo tuvuga. Ku bw’ibyoyi, nimucyo dufashe abandi tuvuga amagambo ‘meza yo kububaka.’ Ikindi kandi, nimucyo twigane umwanditsi wa zaburi, waririmbye ati “amagambo yo mu kanwa kanjye, n’ibyoyi umutima wanjye wibwira bishimwe mu maso yawe, Uwitaka gitare cyanjye, mucunguzi wanjye.”—Zab 19:15.

<sup>14</sup> *Tugomba kwamaganira kure gusharira*

12, 13. (a) Nk’uko bigaragara mu Befeso 4:29, ni ayahe magambo twagombye kwirinda? (b) Twagombye kuvuga ayahe magambo?

14. Dukurikije ibivugwa mu Befeso 4:30, 31, ni iki dukwiriye kwirinda?



*Amagambo yawe agereranywa n’izihe mbuto?*

*kose, umujinya, gutukana, n’ibindi bintu bibi byose.* Pawulo amaze gutanga umuburo wo kudatera agahinda umwuka wera, yaranditse ati “gusharira kose n’uburakari n’umujinya no gukankama no gutukana bive muri mwe rwose hamwe n’ububi bwose” (Efe 4:30, 31). Kubera ko tudatunganye, buri wese muri twe yagombye gushyiraho ake kugira ngo agenzure ibitekerezo n’ibikorwa bye.

Turamutse twemeye ko “gusharira kose n’uburakari n’umujinya” bishinga imizi muri twe, twaba turimo dutera agahinda umwuka w’Imana. Uko ni na ko byaba bimeze mu gihe haba hari uwadukoshereje, tukamubikira inzika, maze tukanga kwiyunga na we. Turamutse dutangiye kwirengagiza inama zitangwa na Bibiliya, dushobora gutangira kugira ingeso zatuma ducumura ku mwuka, kandi byatumaga tugerwaho n’ingaruka zibabaje.

<sup>15</sup> *Tugomba kuba abantu bagira neza, bagira impuhwe kandi bababarira.* Pawulo yaranditse ati “mugirirane neza, mugirirane impuhwe, kandi mube mwiteguye kubabarirana rwose nk’uko Imana na yo yababariye rwose binyuze kuri Kristo” (Efe 4:32).

Niba hari ikintu kibi twakorewe kikatubabaza, nimucyo tujye tubabarira nk’uko Imana na yo ibigenza (Luka 11:4). Reka tuvuge ko Umukristo mugenzi wacu atuvuze nabi. Kugira ngo dukemure icyo kibazo, turamusanze, maze agaragaza ko ababajwe n’ibyoyi yavuze kandi adusaba imbabazi. Turamubabariye, ariko ni ngombwa ko dukora ibirenze ibyoyi. Mu Balewi 19:18 haravugaga hati ‘ntugahore, ntukagirire inzika abo mu bwoko bwawe, ahubwo ukunde

15. Ni iki dushobora gukora mu gihe hagize umuntu udukorera ikosa?

mugenzi wawe nk'uko wikunda. Ndi Uwiteka.'

### Tugomba kuba maso

<sup>16</sup> Dushobora guhura n'ikigeragezo cyo gukora ibintu bidashimisha Imana no mu gihe turi twenyine. Urugero, umuvandimwe ashobora kuba yaragiye yumva umuzika ukemangwa, amaherezo umutimanama we ugatangira kumurya kubera ko yirengagije inama zo muri Bibiliya, ziboneka mu bitabo by' 'umugaragu wizerwa kandi w'umunya-bwenge' (Mat 24:45). Ashobora gusenga asaba ko icyo kibazo cyakemuka, kandi akibuka amagambo ya Pawulo ari mu Befeso 4:30. Nuko akiyemeza amaramaje kwirinda gukora ikintu cyatera agahinda umwuka w'Imana, maze agahita areka uwo muzika ukemangwa. Yehova azagororera uwo muvandimwe ku bw'imihati azaba yashyizeho. Ku bw'ibyo, nimucyo twiyemeze kwirinda gutera agahinda umwuka w'Imana.

<sup>17</sup> Tutabaye maso kandi ngo dukomeze gusenga, dushobora gukora ikintu cyanduye cyangwa icyaha gishobora gutuma dutera agahinda umwuka wera. Kubera ko umwuka wera utuma abantu bagira imico nk'iyi Data wo mu ijuru afite, kandi akaba ari wo akoresha kugira ngo asohoze ibyo ashaka, kuwutera agahinda cyangwa kuwubabaza, ni kimwe no kubabaza Yehova, icyo kikaba ari ikintu mu by'ukuri tutakwifuza gukora (Efe 4:30). Abanditsi b'Abayahudi bo mu kinyejana cya

16. Tanga urugero rugaragaza ukuntu dushobora kugira ibyo duhindura, kugira ngo tudatera agahinda umwuka wa Yehova.

17. Byagenda bite turamutse tutabaye maso, kandi nt dukomeze gusenga?

### Ni gute wasubiza?

- Gutera agahinda umwuka w'Imana bisobanura iki?
- Ni gute umuntu wiyeguriye Yehova ashobora gutera agahinda umwuka?
- Ni mu buhe buryo dushobora kwirinda gutera agahinda umwuka wera?

mbere bakoze icyaha igihe bavugaga ko Sata-ni ari we watumaga Yesu akora ibitangaza. (*Soma muri Mariko 3:22-30.*) Abo banzi ba Kristo 'batutse umwuka wera' kandi ibyo byatumye bakora icyaha kitababarirwa. Nimucyo ntutuzigere dukora ibintu nk'ibyo.

<sup>18</sup> Kubera ko tutifuza kugerageza gukora icyaha kitababarirwa, tugomba kwibuka amagambo Pawulo yavuze ku birebana no gutera agahinda umwuka wera. Ariko se, byagenda bite dukoze icyaha gikomeye? Niba twari-cujije, kandi abasaza bakadufasha, dushobora kwemeza ko Imana yatubabariye, kandi ko tutacumuye ku mwuka wera. Nanone kandi, Imana ishobora kudufasha kwirinda gutera agahinda umwuka wera mu buryo ubwo ari bwo bwose.

<sup>19</sup> Imana ikoresha umwuka wera wayo kugira ngo ubwoko bwayo burusheho gukundana, burangwe n'ibyishimo kandi bwunge ubumwe (Zab 133:1-3). Ku bw'ibyo, twagombye kwirinda gutera agahinda umwuka bitewe n'amazimwe cyangwa kuvuga ibintu bigaraza ko tutubaha abungeri bashyizweho binyuze ku mwuka (Ibyak 20:28; Yuda 8). Ahubwo, twagombye gukora uko dushoboye kugira ngo dutume abagize itorero bunga ubumwe kandi bubahane. Koko rero, ntitwagombye gutuma ubwoko bw'Imana bwicamo ibice. Pawulo yaranditse ati "bavandimwe, ndabingiringira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo, ngo mwese mujye muvuga rumwe, kandi muri mwe he kubaho kwicamo ibice, ahubwo mwunge ubumwe rwose mu bitekerezo kandi mugire imyumvire imwe." —1 Kor 1:10.

<sup>20</sup> Yehova yifuza kudufasha kwirinda gutera agahinda umwuka wera, kandi arabishoboye. Nimucyo dukomeze gusenga dusaba umwuka wera, kandi twiyemeze kutazigera tuwutera agahinda. Nanone kandi, nimucyo dukomeze 'kubibira umwuka,' kandi twemere ko utuyobora muri iki gihe ndetse n'iteka ryose.

18. Ni gute twamenya ko tutakoze icyaha kitababarirwa? 19, 20. (a) Ni ibihe bintu dukeneye kwirinda? (b) Twagombye kwiyemeza gukora iki?